**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO**

# Gahunda y'Igihugu y'imyaka 5 yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina

**2011-2016**

**Nyakanga 2011**

**ISHAKIRO**

**1. IRIBURIRO ............................................................................................... 1**

**2. UKO IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIHAGAZE MU RWANDA ........................................................................................................ 3**

2.1. Igisobanuro cy'ijambo "Ihohoterwa rishingiye ku gitsina" .......................... 3

2.2. Imiterere y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'uko ryifashe ........................ 5

**3. INGAMBA RUSANGE ZIRIHO ..........................** Error! Bookmark not defined.

3.1. Gahunda z'iterambere zo ku rwego rw'igihugu n'izo ku rwego mpuzamahanga ................................................................................................ 7

3.2. Amategeko yashyizweho ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga 8

**4. IMITERERE Y'IKIBAZO ................................................................... 11**

**5. UBURYO BW'IMIKORERE ............................................................... 19**

5.1. Intego ........................................................................................... 19

5.2. Ingamba zifashishwa mu kugera ku ntego ............................................. 21

**6. UBURYO BWO GUSHYIRA MU BIKORWA IYI GAHUNDA Y'IMYAKA 5 34**

6.1. Abafite uruhare mu gushyira mu bikorwa iyi Gahunda y'imyaka 5 ........... 34

6.2. Uburyo bwo guhuriza hamwe, gucunga no gukora ibikorwa ...................... 40

**7. AMAFARANGA AKENEWE NO KUYASHAKISHA ................................. 44**

7.1. Amafaranga ateganijwe gukoreshwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Gahunda y'igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ........................ 44

**8. UBURYO BW'IKURIKIRANA N'ISUZUMA BIKORWA .......................... 49**

**UMUGEREKA: IMBONERAHAMWE IGARAGARAZA MU NCAMAKE UMUSARURO UZAVA MU BIKORWA N'IBIZAGERWAHO MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA GAHUNDA Y'IGIHUGU YO KURWANYA IHOHOTERWA ................................................................... 51**

## 1. INTANGIRIRO

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yaranzwe n'ibikorwa ndengakamere byo guhohotera ikiremwa muntu cyane cyane abakobwa n'abagore. Nubwo muri iyi myaka 17 ishize hari imbaraga nyinshi zashyizwe mu bikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, usanga muri iki gihe hari abantu bagikorerwa iryo hohoterwa bakeneye gufashwa.

Uretse kuba u Rwanda ari kimwe mu bihugu byashyize umukono ku masezerano mpuzamahanga yihariye agamije iterambere n'imibereho myiza kuri bose, rwanashyizeho amategeko ahamye agamije kwimakaza uburenganzira bwa muntu. Iyubahirizwa ry'ayo masezerano n'ayo mategeko ni wo musingi ugomba gushingirwaho mu gufasha Abanyarwanda kuba mu Rwanda ruzira ihohoterwa iryo ari ryo ryose ryaba irishingiye ku mubiri, iritera impagarara mu ntekerezo,n' irishingiye ku gitsina, kandi bakagira uburenganzira ku mutungo, bagashobora kwivuriza mu mavuriro no kwiga mu mashuri ayo ari yo yose ari mu gihugu tutibagiwe no kuba bashobora kwitabaza inzego zose z'ubutabera ziri mu gihugu.

Ikintu icyo ari cyo cyose gishobora kubangamira uburenganzira bwabo bwaba ubwo kugira ubuzima bwiza n'imibereho myiza, ubwo kwiga, bwaba uburenganzira bahabwa n'amategeko ndetse n'ubwo mu rwego rw'ubukungu bitewe no gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyangwa se irindi hohoterwa iryo ari ryo ryose gishobora gutuma badasobanukirwa neza uburenganzira bahabwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

Nubwo ibikorwa by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina byagaragaye cyane ku buryo budasanzwe mu gihe cya jenoside yakorewe Abatutsi, ni ngombwa kumenyako ibyo bikorwa usanga bishingiye cyane cyane ku busumbane buri hagati y'abagabo n'abagore. Ikigaragara rero ni uko amategeko atandukanye ariho agamije kurengera uburenganzira bwa muntu adahagije mu kurinda abenegihugu bose ihohoterwa rishingiye ku gitsina, cyane cyane abagore n'abana

Mu mpera z'umwaka wa 2010, Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yashyizeho Itsinda rya tekiniki iriha inshingano yo gutegura Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina. Iyo politiki igaragaza intego Guverinoma y'u Rwanda yihaye mu rwego rwo kwimakaza ihame ry'uburinganire n'uburenganzira bwa muntu kuri bose ndetse no gushyigikira iterambere ry'igihugu mu rwego rw'ubukungu n'imibereho myiza.

Kuba twarifashishije abantu benshi b'ingeri zitandukanye mu gutegura iyi politiki byatumye dushobora kugaragaza impamvu ndetse n'ibyuho bituma habaho ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse bikaba n'inzitizi zituma abakorewe iryo hohoterwa badafashwa ku buryo bunoze. Ni na yo mpamvu Gahunda y'Imyaka 5 yo gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa rishingiye ku gitsina na yo yateguwe hifashishijwe ibitekerezo by'abantu benshi b'ingeri zitandukanye. Iyo Gahunda yateguwe n'Itsinda rya tekiniki rihuriweho na Minisiteri zose zirebwa n'iyo gahunda, kandi iryo tsinda rikaba ryari rikuriwe na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, MIGEPROF. Na none kandi iyi Gahunda yateguwe hashingiwe ku biganiro twagiranye n'abahagarariye Guverinoma y'u Rwanda, abari muri sosiyete sivili ndetse n'abashyira mu bikorwa iyi gahunda. Iyi Gahunda y'imyaka 5 yagiweho impaka zirambuye hifashishijwe ibiganiro 2 byitabiriwe n'abantu bo mu ngeri zitandukanye. Ibyo biganiro byari bihuje abafatanyabikorwa bose bireba bikaba byarabaye muri Werurwe no muri Gicurasi mu

mwaka wa 2011 kandi icyo byari bigamije akaba ari ukwemeza iyo Gahunda y'imyaka 5. Hakozwe ibishoboka byose kugira ngo ibitekerezo byatanzwe n'abo bafatanyabikorwa batandukanye byitabweho mu gutegura iyi Gahunda y'Imyaka 5.

Nk'uko byagenze kandi mu gutegura Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina, ibiganiro bigamije gutegura iyi Gahunda y'imyaka 5 byakozwe hashingiwe ku bintu bikurikira bisanzwe biriho:

- Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe usanga ari igikorwa kitoroshye bitewe n'impamvu nyinshi muri zo hakaba harimo kuba rigaragara mu buryo bwinshi kandi butandukanye tutanibagiwe no kuba ryarashinze cyane imizi mu muco no mu migenzereze ya sosiyete;

- Usanga abaturage batarigishijwe kandi ngo basobanukirwe ku buryo buhagije ibirebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi muri bo hakaba harimo abarikorerwa ndetse n'abarikora wongeyeho abantu ku giti cyabo ndetse n'imiryango ikorana na bo. Usanga kandi akenshi abantu badafata ihohotera rishingiye ku gitsina nk'icyaha gihanwa nk'uko bivugwa mu itegeko;

- Kuba hatariho amakuru nyayo yuzuye yerekeye imibare y'abakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'iyerekeye ubwoko bw'ihohoterwa bakorerwa bitewe n'uko bizwi nezako bamwe mu bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina bariceceka, biba imbogamizi mu gihe cyo kurikumira ndetse no gufasha abarikorewe ntibikorwe ku buryo bunoze;

- Amategeko ariho mu Rwanda ateganya uburyo bunoze bwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe. Nyamara ariko ni ngombwa kurushaho kwitondera iyubahirizwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ayo mategeko ariho muri iki gihe no kugira ubushishozi mu gushyira mu bikorwa politiki zijyanye n'ayo mategeko;

- Ubushake bwa politiki n'intego abantu bihaye mu rwego rwo gukemura ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bigomba kujyana no gushyiraho uburyo bunoze bwo kumenyekanisha ibikorwa byose bikorwa muri urwo rwego, ubwo kubihuza, kubishyira mu bikorwa no kubikurikirana;

- Uburyo rusange bwo guha ubufasha nyabwo abakorewe ihohoterwa bugomba kuba bukubiyemo: (i) kubafasha kubona serivisi z'ubuvuzi, iz'ubwunganizi mu by'amategeko n'izo kubavura ibikomere byo mu mitima; (ii) gufasha buri wese mu bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina kubona izo serivisi hitawe ku byo akeneye ku buryo bw'umwihariko; (iii) kubaha uburyo bwo guhabwa indishyi; (iv) kwigisha abaturage no kubafasha kugira uruhare mu kugaragaza ibikorwa by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gukora ubuvugizi bityo bakumvako ari inshingano zabo nk'abenegihugu; no (v) guhuza serivisi bahabwa ( harimo n'iyo kubarinda) mu nzego zitandukanye;

Gushyiraho Gahunda y'Igihugu y'Imyaka 5 yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina hashingiwe ku bintu byagaragaye kandi bifatika no kuri Politiki y'Igihugu yo kurwanya ihohoterwa gifasha gushimangira intego Guverinoma yihaye yo kurwanya ku buryo bugaragara ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo bikagaragazwa n'intambwe iterwa mu guhindura imyitwarire, mu gufasha abantu kurushaho kugira

ubuzima bwiza,kubona ubutabera no guteza imbere ihame ry'uburinganire. Na none kandi Gahunda y'Igihugu y'Imyaka 5 yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ifasha guhuriza hamwe ibikorwa bigamije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ikanafasha kurushaho kubaka umusingi ugomba gushingirwaho mu gukora ubuvugizi bufite icyerekezo kimwe kigamije gufasha buri Muturarwanda kubaho mu mutekano bityo u Rwanda rukaba intangarugero mu kubahiriza uburenganzira bwa muntu maze n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigacika burundu.

Hari ibikorwa byinshi byo kwishimira byakozwe n'ibigo n'imiryango bitandukanye mu rwego rwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda. Nyamara ariko, uburyo bukoreshwa muri iki gihe mu rwego rwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina ,gufasha abarikorewe no gukangurira abantu kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina, usanga ubwo buryo budahurijwe hamwe.. Na none kandi byakunze kugaragarako ko n'iyo habaye guhuriza hamwe ibyo bikorwa usanga bidahurijwe hamwe ku buryo buhagije ibyo bigatuma abantu basubira mu byo abandi bakoze, ndetse bigatuma hagaragara icyuho mu bikorwa byo kurwanya iryo hohoterwa ndetse ugasanga ibyo bikorwa bitagirira akamaro gahagije abo bigenewe,ari naho tubona ko bidafasha guhindura imyitwarire idahwitse abaturage bakunda kugaragaza .Izo mpungenge ni na zo zagiye zigaragazwa igihe hategurwaga Politiki y'Igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Gahunda y'Igihugu y'Imyaka 5 yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina igamije gukora ku buryo iziba icyuho kigaragara mu bikorwa bisanzwe biriho byo gukumira iryo hohoterwa no gufasha abarikorewe maze bikarushaho kugira akamaro.. Iyo Gahunda igamije kandi kugera ku ntego eshatu (3) z'ingenzi zigaragara muri Politiki y'Igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Kugera kuri izo ntego zose uko ari 3 bigaragazwa n'umusaruro uva mu bikorwa, ibyagezweho ndetse n'ibikorwa bigaragara mu gice cya 5 kiri mu bika bikurikira.

## 2. UBUSOBANURO BW'AMAGAMBO AJYANYE N'IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA MU RWANDA

### *2.1. Igisobanuro cy'ijambo "Ihohoterwa rishingiye ku gitsina"*

Nta gisobanuro cy'ijambo "Ihohoterwa rishingiye ku gitsina" gihuriweho na bose ku isi kiriho. Nyamara ariko ingingo ya 1 y'Itangazo ry'Umuryango w'Abibumbye ryerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore itanga igisobanuro cyashingirwaho mu gusobanura ihohoterwa rikorerwa abagore nk' " igikorwa icyo ari cyo cyose cy'ivangura rishingiye ku gitsina gikorerwa umuntu kikamwangiza cyangwa kikamutera ububabare haba ku mubiri, ku gitsina cyangwa mu mitekerereze harimo no kumutera ubwoba kugirango ibyo bikorwa bigerweho, kumushyiraho agahato cyangwa kumubuza kwishyira akizana ku bw'amaherere kandi ibyo bikorwa bikaba bikorewe mu ruhame cyangwa abantu hiherereye." Umwanzuro w'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye werekeye guca burundu ihohoterwa

ryo mu ngo rikorerwa abagore kuri icyo gisobanuro cy'ihohoterwa, wongeramo ibindi bikorwa ari byo "kwima abagore amahirwe no kubaheza mu by'ubukungu……. [Ibyo] bikaba bishobora kubangamira umutekano wabo, ubuzima bwabo cyangwa imibereho myiza yabo igihe icyo ari cyo cyose"[1]. Icyi gisobanuro gishohobora kandi kuvuga gukoresha umuntu imibonano mpuzabitsina witwaje agahato cyangwa iterabwoba no gukorera umuntu ihohoterwa ryerekeye ku gitsina. .

Dushingiye ku bwoko bw'imirimo abantu babona ko ari yo igomba gukorwa n'umuntu w'igitsina iki n'iki cyangwa se kwitirirwa igitsina iki n'iki bishobora gusobanurwa nk'uburyo abagize sosiyete babona ko umuntu agomba guhabwa inshingano izi n'izi, kurangwa n'imyitwarire iyi n'iyi ndetse n'indangagaciro izi n'izi bitewe n'uko ari uw'igitsina gore cyangwa uw'igitsina gabo. Ni yo mpamvu ibyo byose ari ibyo abagize sosiyete bishyiriraho kandi bikagaragaza uko abagabo n'abagore, abakobwa n'abahungu babonwa mu muco uyu n'uyu wo muri iyo sosiyete. Izo nshingano sosiyete yumvako zigomba kuba iz'umuntu uyu n'uyu kuberako ari uw'igitsina gabo cyangwa uw'igitsina gore zigatuma abagabo n'abagore bahabwa ububasha butandukanye ku birebana n'ifatwa ry'ibyemezo no kugira uburenganzira ku mutungo,zitangira kwigirwa no gushimangiririrwa mu ngo no mu muryango bitewe n'uburyo bw'imikoranire hagati y'abagize izo ngo n'iyo miryango.[2]

Ni yo mpamvu ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigomba gufatwa nk'igikorwa gikorerwa umuntu kikamukomeretsa cyangwa kikamubabaza ku mubiri, ku gitsina, mu bitekerezo cyangwa mu mibereho ye muri sosiyete bitewe n'uko sosiyete iyi n'iyi imubona. Nk'uko bigaragara mu Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, Ihohoterwa rishingiye ku gitsina risobanurwa nk':

*"Igikorwa [icyo ari cyo cyose] gikorerwa umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina no ku mutungo, kubera ko ari uw'igitsinagore cyangwa uw'igitsinagabo. Icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi. Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo cyangwa hanze yazo".*

Amagambo " kubera ko ari uw'igitsina gore cyangwa uw'igitsina gabo" agomba gufatwako asobanura igikorwa cy'ihohoterwa icyo ari cyo cyose umuntu akorerwa bitewe n'uko ari uw'igitsina gabo cyangwa uw'igitsina gore.

Itegeko risobanura ko ihohoterwa umuntu akorewe bitewe n'uko ari uw'igitsina gabo cyangwa uw'igitsina gore cyangwa se bitewe n'inshingano sosiyete yumva ko ari zo "zimukwiriye" ntiryemewe n'amategeko. Nubwo abagore n'abakobwa ari bo benshi bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi bikaba bigaragara ko iryo hohoterwa barikorerwa cyane cyane n'abagabo n'abahungu, ntitungomba

---

[1] Umwanzuro w'Inteko Rusange 58/147, A/RES/58/147, 19 Gashyantare 2004, igika. 1(a).

[2] Iyi politiki ishingira ku mahame akubiye mu gisobanuro cy'ijambo "uburinganire" gikubiye muri Politiki y'Uburezi bw'Abakobwa yateguwe muri Mata 2008 kuberako iki gisobanuro kigaragaza neza icyo ijambo "uburinganire" rivuga muri sosiyete.

kwibagirwako abagabo n'abahungu na bo bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina bityo abagore na bo bakaba bashobora gukora iryo hohoterwa.

Urwego rushinzwe kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu ( GMO) rwagaragajeko hariho ibyiciro bikurikira by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina:

- Ihohoterwa mu by'ubukungu: igikorwa cyo kuvutsa umuntu uburenganzira ubu n'ubu bwaba ubwo ku mutungo, ubwo kuzungura, ubwo kubona cyangwa gukora akazi cyangwa se kumwima ikindi kintu icyo ari cyo cyose kimufitiye akamaro mu by'ubukungu;
- Ihohoterwa rishingiye ku mubiri: gukoresha ingufu cyangwa iterabwoba wabigambiriye ugamije guhohotera umuntu, kumukomeretsa, kumutera ubumuga cyangwa kumwica;
- Ihohoterwa rikorerwa ku gitsina :Igikorwa cyerekeranye n'imibonano mpuzabitsina gikorewe ku muntu atabishaka, igikorwa cyo guhatira undi muntu hakoreshejwe ingufu, ibikangisho, kumubeshya, hitwajwe umuco, intwaro cyangwa amikoro mu by'ubukungu kugira ngo mukorane imibonano mpuzabitsina kandi we atabishaka;
- Ihohoterwa rikomeretsa umutima: ihungabana uhohotewe agira bitewe n'ibikorwa akorewe, ibikangisho by'uko yakorerwa ibikorwa ibi n'ibi cyangwa gushyirwaho iterabwoba; kandi ibyo bikangisho bikaba akenshi bifitanye isano n'igikorwa cyerekeranye n'imibonano mpuzabitsina gikorewe ku muntu atabishaka cyangwa ihohoterwa rishingiye ku mubiri[3.]

Muri iyi Politiki ijambo " uwahohotewe" rivuga uwakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Nubwo ijambo "uwarokotse" rikoreshwa kenshi hagamijwe kugaragaza imbaraga, kudatezuka n'ubushobozi "uwakorewe ihohoterwa" agaragaza kugira ngo akomeze kubaho , byabaye ngombwa gukoresha ijambo "uwakorewe ihohoterwa" kugira ngo twirinde gutera urujijo no kwitiranya ibintu kuberako ijambo "uwarokotse" rikoreshwa mu Rwanda hagamijwe kuvuga gusa abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

## 2.2. Imiterere y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'uko ryifashe mu Rwanda

Ubushakashatsi bwinshi bwakozwe mu myaka itandatu ishize bwerekanako mu Rwanda hari abantu benshi bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ubushakashatsi ku buzima n'imibereho by'Abaturarwanda bwakozwe mu mwaka wa 2005 bwerekanako 31% by'abagore babajijwe bagaragajeko bakorewe ihohoterwa rishingiye ku mubiri naho abangana na 35% bakaba baragaragajeko bakorewe ihohoterwa n'abo bashakanye. Ubwo bushakashatsi bwagaragajeko akenshi abakorewe ihohoterwa bagiye barikorerwa n'abo baturanye – kandi abenshi mu bakorewe iryo hohoterwa bakaba bararikorewe n'abagabo babo cyangwa se abahoze ari inshoreke zabo.

Nkuko bigaragazwa na Polisi y'Igihugu, ihohoterwa ryagiye ryigaragaza mu buryo butandukanye:

---

[3] GMO , Assessment of Intervention Programmes for Gender-based Violence Prevention and Response, 2010, pp. 18-23.

**Imbonerahamwe ya 1: Ubwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryamenyeshejwe Polisi mu mwaka wa 2009 n'uwa 2010**

| Ubwoko bw'ihohoterwa | Umwaka wa 2009 | Umwaka wa 2010 |
|---|---|---|
| Abagore bakubiswe n'abagabo | 388 | 430 |
| Abagabo bakubiswe n'abagore babo | 84 | 94 |
| Abagore bishwe n'abagabo babo | 38 | 83 |
| Abagabo bishwe n'abagore babo | 31 | 60 |
| Abagore biyahuye kubera abagabo babo | 9 | 20 |
| Abagabo biyahuye kubera abagore babo | 18 | 31 |

Aho iyi mibare yaturutse : Polisi y'Igihugu 2010

Kuba umubare w'abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina wamenyeshejwe Polisi y'Igihugu wariyongereye mu mwaka wa 2010 ugereranyije n'uko byari bimeze mu mwaka wa 2009, byatewe n'uko abantu bakanguriwe kudaceceka ku kibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi hakaba harafashwe n'ingamba mu rwego rwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe.

Nubwo hashyizwe imbaraga nyinshi mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorerwa, haracyari ibibazo bikeneye kubonerwa umuti:

- Kuba abantu batazi neza amategeko ,muri yo tukaba twavuga cyane cyane nk'Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina;
- Imyemerere imwe n'imwe itari myiza ishingiye ku muco ikomeje kugaragara mu bantu;
- Kuba bamwe mu bakorerwa ihohoterwa barikorerwa n'abo bakesha amaramuko mu by'ubukungu no mu mibereho;
- Kuba nta bakozi, ibikoresho n'amafaranga bihagije mu rwego rwo gufasha abakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina;
- Kudafasha uko bikwiye abakorerwa ihohoterwa bakeneye gukurikiranwa ku buryo bwihutirwa bitewe n'uko haba hari intera ndende hagati y'aho icyaha cyakorewe n'ahari ibigo bitangirwamo serivisi bakeneye ndetse no kuba hatariho uburyo bwo guhanahana amakuru hagati y'abatanga serivisi n'abakorerabushake bo mu nzego z'ibanze (abajyanama b'ubuzima, abagize "club" zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina,…)
- Kuba hatariho uburyo buhagije bwo guhuza serivisi zitangwa

## 3. ICYEREKEZO RUSANGE

## 3.1. Gahunda z'iterambere zo ku rwego rw'igihugu n'izo ku rwego mpuzamahanga

Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina yateguwe mu rwego rw'izindi gahunda z'iterambere u Rwanda rwiyemeje kugenderaho. Muri zo twavuga Intego z'Iterambere z'Ikinyagihumbi (MDGs), Icyerekezo 2020, Gahunda yaguye y'Imbaturabukungu no Kugabanya Ubukene (EDPRS), Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 7 (2010-2017) igenderwaho muri iki gihe, Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'Ubwuzuzanye na Politiki y'Igihugu yo Kwegereza Abaturage Ubuyobozi n'Ubushobozi. Na none kandi Politiki y'Igihugu Yerekeye Abaturage (igamije guteza imbere uburenganzira bw'abagore n'abagabo mu guhabwa serivisi) ndetse n'Ingamba y'Igihugu yerekeye Ubuzima bw'Imyororokere n'Uburenganzira bw'abagore n'abagabo na byo bifite aho bihuriye n'iyi politiki y'igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

**Intego z'iterambere z'Ikinyagihumbi (MDGs)**

Politiki y'igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina iza yunganira ku buryo butaziguye Intego ya 3 y'Iterambere y'Ikinyagihumbi (ijyanye no guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye no kongerera abagore ubushobozi) cyane ko guca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina bifitanye isano igaragara n'uburinganire n'iterambere rirambye. Na none kandi iyi politiki ifasha ku buryo bugaragara kugera ku zindi Ntego z'Iterambere z'Ikinyagihumbi. Muri zo twavuga Intego ijyanye no guca burundu ubukene bukabije n'inzara (Intego ya mbere y'Iterambere y'Ikinyagihumbi), intego ijyanye n'Uburezi kuri Bose (Intego ya 2 y'Iterambere y'Ikinyagihumbi), ijyanye no kubungabunga ubuzima bw'ababyeyi ( Intego ya 5 y'Iterambere y'Ikinyagihumbi) ijyanye no kurwanya virusi itera SIDA ( Intego ya 6 y'Iterambere y'Ikinyagihumbi).

**Icyerekezo 2020**

Icyerekezo 2020 gikubiyemo intego u Rwanda rwihaye mu rwego rw'iterambere kandi muri izo ntego hakaba harimo gufasha abaturage kugera ku iterambere cyane ko Icyerekezo 2020 kigaragaza ko iterambere ry'abaturage ari wo musingi w'iterambere nyaryo. Ni yo mpamvu iyi ntego yo guteza imbere abaturage ari na yo igamijwe muri gahunda rusange ihurijwe hamwe igenderwaho muri iyo Politiki ku birebana n'ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe. Ifasha mu guha abaturage uburyo bwo kurushaho kwishyira bakizana, ,kugera ku mibereho myiza no ,guteza imbere amahame ya demokarasi ari yo miyoborere myiza no kugera ku iterambere mu mibereho myiza n'ubukungu buri wese agizemo uruhare rufatika.

**Gahunda yaguye y'Imbaturabukungu no Kugabanya Ubukene (EDPRS)**

Politiki y'igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina izafasha kugera ku ntego ikubiye muri Gahunda yaguyey'Imbaturabukungu no Kurwanya Ubukene igamije guha abantu bose ijambo ku buryo bungana, kubafasha kugira uruhare muri serivisi zitangirwa mu nzego zose z'ubukungu no kubona izo servisi ku buryo bungana. Kugira ngo tugere neza ku ntego yo kurwanya icyahungabanya imibereho myiza y'abaturage no guharanira ubutabera kuri bose harimo no kwemeza no kubahiriza amategeko ashyigikiye uburinganire hifashishijwe iyi Politiki y'igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rituma bamwe mu baturage batagira uruhare nyarwo mu bikorwa bibareba ( uburezi ,ubuzima,n'ubutabera ), kandi igihe batagize urwo ruhare intego yo kugabanya ubukene ntishobora kugerwaho.

Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 7 (2010-2017) igenderwaho muri iki gihe

Ibika 47 na 48 bya porogaramu nimero 7 ya Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 7 igenderwaho muri iki gihe biteganya ko kuri buri kigo nderabuzima hazashyirwaho ibigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe (One-Stop Centers) ndetse na Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ziri ku nzego zose zikongererwa ubushobozi kugira ngo zifashe guca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda.

**Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'Ubwuzuzanye**

Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina iza yunganira ishyirwa mu bikorwa ry'intego nyamukuru yo kwinjiza uburinganire n'ubwuzuzanye mu nzego zose z'iterambere hagamijwe kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda. Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina iza yongera "umubare w'intego" zikubiye muri Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'Ubwuzuzanye aho igaragaza ko uburenganzira bwa muntu n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari bimwe mu bintu by'ingenzi bigomba kwitabwaho.

**Politiki y'Igihugu yo Kwegereza Abaturage Ubuyobozi n'Ubushobozi**

Politiki y'Igihugu yo Kwegereza Abaturage Ubuyobozi n'Ubushobozi ishimangira intego Guverinoma y'u Rwanda yihaye mu rwego rwo kongerera abaturage ubushobozi kugira ngo bagire uruhare mu kwitegurira ejo habo hazaza. Kuba inzego z'ubuyobozi z'igihugu zaregerejwe abaturage kugeza ku rwego rw'Umudugudu bitanga ikizere koikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyitabwaho ku buryo bunoze.

**Politiki y'Igihugu Yerekeye Abaturage**

Zimwe mu ntego iyi Politiki igamije ku buryo bugaragara harimo guhindura amahame n'imyumvire ( ku bagabo no ku bagore) ku birebana n'uruhare umugore agomba kugira mu ifatwa ry'ibyemezo bireba urugo, mu gukoresha uburyo bwo kuringaniza imbyaro no mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irindi hohoterwa rikorerwa mu ngo.

**Ingamba y'Igihugu yerekeye Ubuzima bw'Imyororokere**

Imwe mu ntego ziza ku isonga mu rwego rw'Ingamba y'Igihugu yerekeye Ubuzima bw'Imyororokere ni ugukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorwa.

## 3.2. Amategeko yashyizweho ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga

**Amategeko yashyizweho ku rwego rw'igihugu**

Guverinoma ya Repubulika y'u Rwanda yemera nta shiti ko abagabo n'abagore bafite uruhare mu iterambere ry'igihugu. Igihugu cyashyizeho amategeko ashyigikira ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe kandi ayo mategeko atenganya ibindi bigomba gukorwa mu rwego rwo kurushaho gukumira no kurwanya iryo hohoterwa.

Irangashingiro ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu rishimangira ko abaturage b'u Rwanda bagomba kugira uburenganzira bw'ibanze buteganijwe mu Itangazo ry'Umuryango w'Abibumbye ryerekeye Uburenganzira bwa Muntu ndetse no mu yandi masezerano yerekeye uburenganzira bwa muntu.

Ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga ivugako "buri muntu wese afite uburenganzira bwo kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe" kandi ikanavugako ntawe ushobora kwicwa urubozo, gukorerwa ibibabaza umubiri, cyangwa ngo akorerwe ibikorwa by' ubugome, ibikorwa bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro.

Na none kandi, ingingo ya 11 y'Itegeko Nshinga ivugako:

> "Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira ubwisanzure, uburenganzira n'inshingano k'uburyo bungana.
>
> Ivangura iryo ari ryo ryose rishingiye nko ku bwoko, ku muryango, ku nzu, ku gisekuru, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku nkomoko, ku byiciro by'ubukungu, ku idini cyangwa imyemerere, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku mibanire ye n'abandi bantu, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, rirabujijwe kandi rihanwa n'itegeko."

Ingingo ya 16 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ishimangira ihame ry'uko abenegihugu bose bangana bityo Guverinoma y'u Rwanda ikaba yariyemeje guha abenegihugu bose amahirwe angana no kubarengera ku buryo bumwe mu nzego zose za sosiyete.

Kuba kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari igikorwa gisaba inzego zose guhuriza hamwe imbaraga, byatumye hashyirwaho amategeko atandukanye harimo aya akurikira:

- Itegeko n°59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina;
- Itegeko n°22/1999 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya Mbere cy'Urwunge rw'Amategeko Mbonezamubano kandi Rishyiraho Igice cya Gatanu Cyerekeye Imicungire y'Umutungo w'Abashyingiranywe, Impano n'Izungura;
- Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/ 2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda;
- Itegeko n°13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda;

- Itegeko n°27/2001 ryo ku wa 28/04/2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa;

Na none kandi mu gihugu hashyizweho Politiki n'ingamba by'igihugu bigamije gushyigikira ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorerwa. Muri izo Politiki harimo Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'Ubwuzuzanye. Imwe mu ntego zihariye z'iyo Politiki harimo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Hari kandi na Gahunda y'Igihugu y'Ibikorwa (2009-2012) yashyizweho mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Umwanzuro 1325 w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye Gashinzwe Amahoro ku Isi, Gahunda y'igihe kirekire yo gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'Ubwuzuzanye yita ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore (CEDAW).

**Amategeko yashyizweho ku rwego mpuzamahanga**

Hariho amategeko mpuzamahanga ateganyako abagabo n'abagore bagomba guhabwa amahirwe angana ku birebana n'uburenganzira n'ubwisanzure [4]. Muri ayo mategeko mpuzamahanga harimo Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganiza mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco, Amategeko mpuzamahanga agenga ibihe by'intambara ndetse n'Amategeko Mpuzamahanga ahana ibyahaariho muri iki gihe ndetse n'Amasezerano arwanya iyica rubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa bibabaza umubiri, bya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro.

Na none kandi muri iki gihe Guverinoma y'u Rwanda iri gusuzuma uburyo bwo kubahiriza inshingano yiyemeje ku rwego mpuzamahanga ziteganijwe mu masezerano igihugu cyemeje burundu. Muri ayo masezerano harimo amasezerano akurikira:

- Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage;
- Umugereka w'Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage ku birebana n'Uburenganzira bw'Abagore muri Afurika
- Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye uburenganzira bw'umwana;
- Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana;
- Amasezerano y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku mirimo n° 182 yerekeye imirimo mibi ikoreshwa abana;

[4] The Usefulness of Human Rights framework in addressing Gender-based Violence, Patience Gulu, PeaceWomen.org 2010.

- Umugereka w'amasezerano ku iyubahirizwa ry'Uburenganzira bw'Umwana ku birebana no gucuruza abana, kubakoresha uburaya no kubakoresha nk'abakinnyi ba za filimi ku byerekanwa ku bitsina;

Ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyarushijeho kwitabwaho ku buryo cyinjijwe muri gahunda z'uburenganzira bwa muntu z'ibihugu byashyize umukono kuri ayo masezerano, iz'imiryango iharanira uburenganzira bwa muntu n'iz'abantu ku giti cyabo.[5]

## 4. IMITERERE Y'IKIBAZO

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda ni ikibazo usanga giterwa n'impamvu nyinshi zitandukanye. Zimwe muri izo mpamvu zishingiye ku myemerere ishingiye ku muco no ku migenzereze mu gihe izindi zishingiye ku murage mubi twasigiwe na jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994 ndetse no ku iterambere mu by'imibereho myiza n'ubukungu igihugu kimaze kugeraho muri iki gihe. Imwe mu nzitizi z'ingenzi zibangamira ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni imyumvire usanga mu bantu aho bumvako hari imirimo igenewe umugabo cyangwa umugore, umukobwa cyangwa umuhungu. a. Hejuruy'ibyo byose kandi usanga abantu bumva nabi ijambo"uburinganire"ku buryo usanga bumvako rivuga "abagore".

Sosiyete ndetse n'imico abantu bakuriramo bigira uruhare mu guha isura mitekerereze yabo no mu buryo babona ibintu . Ni yo mpamvu usanga abantu bose baba abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa bahura n'ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi bose akaba ari na ko bafite uruhare rukomeye mu guhindura imitekerereze y'abagize sosiyete no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Nyamara ariko usanga akenshi abagabo n'abahungu badashyirwa mu biganiro birebana n'ihohoterwa ahubwo bagafatwa nk'aho barwanya ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina aho kugira ngo bafatwe nk'abafatanyabikorwa mukurikumira.

Na none kandi kuba abantu badasobanukiwe neza "uburinganire" bituma badatanga amakuru nyayo bityo bigatuma badasobanukirwa neza ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Abantu ntibasobanukiwe neza ibikorwa byinshi byerekeye bihohotera rishingiye ku gitsina cyane cyane ihohoterwa rikorerwa mu ngo. Nubwo gukoresha ku gahato imibonano mpuzabitsina uwo mwashyingiranywe ari icyaha giteganijwe mu Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose usanga abantu benshi batarifata nk'icyaha. Abenshi mu bagabo no mu bagore babonako imibonano mpuzabitsina ari uburenganzira bugomba kuba ubw'umugabo gusa mu rugo. Usanga ubundi bwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina nko gukubita no gukomeretsa ku mubiri uwo mwashakanye, kwima undi uburenganzira ku mutungo, kumutuka, kumutoteza cyangwa se kumuhoza ku nkeke n'ibindi ,bifatwa nk'aho ari ikintu "gisanzw"kigomba kubaho mu muryango.

[5] Ibid.

### *4.1 Impamvu zituma habaho ihohoterwa rishingiye ku gitsina*

Impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni nyinshi kandi usanga zitandukanye bitewe n'ubwoko bw'ihohoterwa. Impamvu z'ingenzi zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni izi zikurikira:

1) **Imyemerere ishingiye ku muco n'ubusumbane mu ifatwa ry'ibyemezo:** Uburyo ababyeyi bareramo abana babo butuma habaho ubusumbane hagati y'abahungu n'abakobwa ku buryo abahungu ari bo bashyirwa imbere. "Imyumvire abagize sosiyete zitandukanye hirya no hino ku isi bafite ku bagore kuva kera ni yo ituma abagore bakomeza gukorerwa ihohoterwa. Inshingano abagize sosiyete bumvako ari zo umuntu yakora kubera ari umugabo cyangwa umugore aho usanga abagore bagomba kuyoborwa n'abagabo ni zo zizitira umugore zigatuma atagira ubushobozi bwo kuba yakihitiramo kandi uko kwihitiramo ari byo byagombye kumufasha guhagarika ihohoterwa akorerwa"[6].

2) **Kuba abagore bacungira ku bagabo mu rwego rw'ubukungu no kuba bugarijwe n'ubukene**: Ubushakashatsi butandukanye bwakozwe[7] bwagaragaje ko kuba abagore bacungira ku bagabo mu rwego rw'ubukungu ari ikintu gishobora gutuma habaho ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Kuba abagore n'abakobwa badafite ibikorwa bibafasha kwinjiza inyungu bituma bakorerwa ihohoterwa ndetse bakanakorerwa ibintu bibakomeretsa ku mutima. Usanga akenshi abagore batabona akazi kabahemba neza, batarize amashuri menshi kandi ugasanga nta burambe bafite mu kazi, hakiyongeraho no kuvutswa uburenganzira ku mutungo. Ibyo bituma bumva ko bagomba gushingira ku bagabo ku birebana n'amikoro mu by'ubukungu bityo bakarushaho gukorerwa ihohoterwa no kwanduzwa virusi itera SIDA. Na none kandi usanga ubukene butuma abagore benshi bishora mu buraya kugira ngo bashobore kubaho, bagakora imibonano mpuzabitsina kugira ngo babone ingurane ndetse bakagirwa nk'abacakara ku buryo usanga bibagora cyangwa bitabashobokera gusaba uwo bakorana imibonano mpuzabitsina gukoresha agakingirizo[8].

3) **Kutamenya neza uburenganzira bwabo n'amategeko**: Kudaha agaciro cyangwa kudakora ibikorwa byo gushishikariza abantu kumenya uburenganzira bwabo, uburinganire n'ubwuzuzanye, demokarasi ndetse n'uburyo bwo gukemura ibibazo hadakoreshejwe ingufu bituma hakomeza kubaho ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore ndetse n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina[9]. Na none kandi ibiganiro byakozwe ku rwego rw'uturere byagaragaje ko kuba abantu batazi itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose cyangwa kuba batazi uburenganzira bwabo ndetse n'inzira z'amategeko n'inzego z'ubutabera biriho nabyo byatuma abantu bakorerwa ihohoterwa.

4) **Ubusinzi**: Muri iki gihe hari impaka z'urudaca aho usanga abantu bibaza niba hari isano itaziguye iri hagati yo kunywa ibisindisha n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Bumwe mu bushakashatsi bwakozwe bwagaragajeko abagabo bitwaza

---

[6] See Jekayinfa, A.A. (2004). "Types, Causes and Effects of Gender-based Violence: Challenges for Social Studies Education", in *Gender Discourse,* 2004, 1(1), pp. 13-21.
[7] See for instance the American Journal of Sociology, "Married Women's economic dependency", 93, Number 3, 1987, pp. 659-87.
[8] UNFPA, State of the World Population, 2005.
[9] http://www.rhrc.org/resources/gbv/gl_sgbv03_01.pdf

ubusinzi kugira ngo bakubite abagore n'abana babo[10]. Hari ubundi bushakashatsi bwagaragaje ko "kunywa ibisindisha ari ikintu gifitanye isano itaziguye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bitewe n'uko bigira ingaruka ku mitekerereze ku buryo usanga umuntu wasaritswe n'ubusinzi aba atazi gushyira mu gaciro ibyo bigatuma ahutaza abandi[11]." Na none kandi ibiganiro byakozwe mu turere byagaragaje ko ihohoterwa rishingiye ku gitsina rishobora guterwa n'ubusinzi no kunywa ibiyobyabwenge.

5) Mu zindi mpamvu zishobora gutera ihohoterwa zagaragajwe igihe hakorwaga ibiganiro ku rwego rw'uturere harimo: ishyari, kudashimishwa n'uwo mukorana imibonano mpuzabitsina na ruswa.

Ubushakashatsi buherutse gukorwa n'Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (GMO) bwagaragaje ko hari izindi mpamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda. Muri zo twavuga:

- Kubana mu buryo butemewe n'amategeko, ubushoreke no gucana inyuma ku bashakanye;
- Kudasobanukirwa neza ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina;
- Ubugome;
- Uburangare bw'ababyeyi batita ku bana no kutabagira inama;
- Kutiyumvamo agaciro
- Iterabwoba umuntu ashyira k'uwo akuriye mu kazi cyangwa uwo akuriye mu bundi buryo

Nk'uko byagaragajwe n'ubushakashatsi twavuze haruguru bwakozwe n'Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (GMO), buri bwoko bw'ihohoterwa bugira impamvu zabwo zihariye zibutera.[12] Muri rusange, mu mpamvu zituma ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryiyongera harimo gutandukana kw'imiryango, ababyeyi batagira inama abana babo, umuco wo guceceka, kuva mu ishuri, guha umuntu akato, kutabona iby'umuntu akenera by'ibanze no kuba abagore ari bo benshi bakennye.

### *4.2 Isuzuma ry'ibitanga icyizere, ahagaragara intege nke, ibifasha kugera ku ntego n'imbogamizi (SWOT)*

Isuzuma ry'ibikorwa biriho bigamije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda ryagaragaje ko hariho ibitanga icyizere, ko hari ahagaragara intege nke, ko hari ibyafasha kugera ku ntego ndetse ko hari n'imbogamizi .Ibi byasuzumwe bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

---

[10] Pernanen, K., *Alcohol in human violence*, New York: Guildford Press, 1991.
[11] Parker R.N., "The effects of context of alcohol on violence", in *Alcohol Health and World Research*, 17(2), 1993, pp.117-123.
[12] pp 19-21.

*Imbonerahamwe A: Isuzuma ry'ibitanga icyizere, intege nke, ibifasha kugera ku ntego n'imbogamizi (SWOT)*

| **Ibitanga icyizere** | **Ibifasha kugera ku ntego** |
|---|---|
| • Amategeko na politiki bihamye,<br>• Ubushake bwa politiki bwo guca burundu ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina,<br>• Kuba abaturage barishyiriyeho inzego n'imiryango byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ,<br>• Abakozi barangwa n'ubwitange no kuba ibigo bya Leta byarashyizeho uburyo ( urugero: Inzego zirwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina – Gender Desks mu ngabo -RDF no muri Polisi by'igihugu-RNP) ,<br>• Umurongo wa telefoni utishyurwa ukoreshwa mu kumenyekanisha ibyaha byakozwe no gusaba ibisobanuro,<br>• Ibikorwa byaguye byo kwigisha abaturage ibijyanye n'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. | • Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina/ kurengera abana na "Club" zigamije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku nzego zose z'ubuyobozi bw'igihugu,<br>• Ibigo biriho bitanga serivisi zihurijwe hamwe (One-Stop Centers) i Kigali n'i Rusizi,<br>• Intego Guverinoma yihaye yo kwinjiza uburinganire muri gahunda no mu bikorwa bya za Minisiteri,<br>• Gahunda zicиriritse zigamije kongerera abagore ubushobozi mu by'ubukungu,<br>• Kongera imbaraga hagamijwe gufasha abagabo n'abahungu kugira uruhare mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina,<br>• Kuba abatanga serivisi bumvako ari ngombwa guhabwa amahugurwa yihariye no kongererwa ubushobozi. |
| **Intege nke** | **Imbogamizi** |
| • Uburyo budahagije bukoreshwa mu guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa batandukanye bakurikirana ihohoterwa rishingiye ku gitsina,<br>• Kuba hibandwa ku gikorwa cyo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku buryo usanga ibikorwa byo gufasha abarikorewe bititabwaho uko bikwiye,<br>• Kuba abahabwa serivisi bose nyuma yo gukorerwa ihohoterwa batazi inzego bagomba kugenda bitabaza ,<br>• Kuba abenshi mu bakorerwa ihohoterwa badashobora kubona | • Kuba muri sosiyete hakomeje kubaho imyumvire n'imyifatire idahwitse ,<br>• Kuba ibikorwa byo gukurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina bidahurijwe hamwe neza no kuba no kuba bidakorwa mu buryo bumwe,<br>• Kuba hatariho amafaranga n'abakozi bihagije bikenewe mu rwego rwo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. |

| | |
|---|---|
| serivisi bakeneye ( kuko baba batuye kure cyangwa se kuberako batabona amafaranga yo kwishyura izo serivisi),<br>• Kuba nta buryo buriho bwo kwigisha abakoze ihohoterwa kugira ngo batazongera kurikora,<br>• Kuba uburyo bwo gukurikirana no kumenyekanisha ihohoterwa butarahujwe ku buryo buhagije. | |

Mu bika bikurikira turasuzuma ku buryo burambuye impamvu zagaragajwe n'isuzuma SWOT kandi tunatange ifoto rusange igaragaza ingamba abafatanyabikorwa batandukanye bo mu gihugu bafite muri iki gihe mu rwego rwo kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorerwa.

**Amategeko n'ubushake bya politiki**

Mu Rwanda hariho ubushake bwa politiki buhamye mu rwego rwo gushimangira ihame ry'uburinganire no gukemura ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Amategeko atandukanye harimo n'Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorerwa yashyizweho,kandi ateganya n'ibindi bigomba gukorwa mu rwego rwo kurushaho gukumira no kurwanya iryo hohoterwa. Ayo mategeko ashimangira uburenganzira bw'ibanze bw'abenegihugu bose kandi abuza ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina. Hari kandi na politiki zashyizweho mu gihugu zigamije gushyigikira ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorerwa. Muri izo politiki twavuga Politiki y'igihugu y'uburinganire n'ubwuzuzanye na Gahunda y'Igihugu y'Ibikorwa yashyizweho mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Umwanzuro 1325 w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye Gashinzwe Amahoro ku Isi.

**Kwigisha abaturage n'imyumvire ishingiye ku muco**

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni ikibazo usanga muri sosiyete nyarwanda. Imwe mu nzitizi z'ingenzi zibangamira ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni imyumvire usanga mu bantu aho bumvako umugabo cyangwa umugore, umukobwa cyangwa umuhungu hari imirimo ibagenewe. Hejuru y'ibyo byose kandi usanga abantu bumva nabi ijambo "uburinganire" ku buryo usanga bumvako rivuga "abagore/abakobwa".

Na none kandi kuba abantu badasobanukiwe neza ijambo"uburinganire"bituma badahabwa amakuru nyayo bityo bigatuma badasobanukirwa neza ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Abantu usanga badasobanukiwe neza ibikorwa by'ihohotera rishingiye ku gitsina cyane cyane ihohoterwa ryo mu ngo. Nubwo gukoresha ku gahato imibonano mpuzabitsina uwo mwashyingiranywe ari icyaha giteganijwe mu Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose usanga abantu benshi batarifata nk'icyaha. Abenshi mu bagabo no mu bagore babona ko imibonano mpuzabitsina ari uburenganzira bw'umugabo mu rugo. Usanga ubundi bwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina nko gukubita no gukomeretsa ku mubiri uwo mwashakanye, kuvutsa undi uburenganzira ku mutungo, kumutuka mu magambo,

kumutoteza cyangwa se kumuhoza ku nkeke n'ibindi bifatwa nk'aho ari ikintu "kigomba kubaho" mu muryango.

Sosiyete n'imico abantu bakuriramo bigira uruhare mu mitekerereze yabo no mu buryo babona ibintu. Ukoabantu bose baba abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa bahura n'ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni na ko bafite uruhare rukomeye mu guhindura imitekerereze y'abagize sosiyete no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Kuba mu mashuri harashyizweho za "club" zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina zihuriweho n'abahungu n'abakobwa na byo bituma urubyiruko rugira ubushobozi bwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu mashuri cyane cyane mu kurwanya igikorwa cyo guhoza umuntu ku nkeke ugamije gukorana na we imibonano mpuzabitsina n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina abanyeshuri bakorerwa n'abarimu babo ndetse na bagenzi babo b'abanyeshuri. Izo "clubs"zifasha abahungu kugira uruhare mu biganiro bikorwa hagamijwe guhindura imyumvire. Imiryango itegamiye kuri Leta na yo usanga muri iki gihe yibanda mu gufasha abagabo n'abahungu kugira uruhare mu bikorwa bigamije guhindura imyumvire hifashishijwe guteza imbere umuco wo kwirinda guhohotera abandi no guteza imbere uburinganire. Ibyo bikorwa bifasha gukora ku buryo abagabo n'abahungu badahezwa mu biganiro birebana n'ihohoterwa kandi ntibakomeze gufatwa nk'aho barwanya ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa ahubwo bagafatwa nk'abafatanyabikorwa mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe.

Usanga ibikorwa byo kwigisha abaturageari byo byibandwaho cyane n'abafatanyabikorwa batandukanye bari mu nzego z'ibanze. Ibikorwa byinshi byo kwigisha abaturage bikorwa n'abafatanyabikorwa batandukanye ku rwego rw'igihugu, n'urw'inzego z'ibanze. Nyamara ariko ni ngombwa ko habaho guhuriza hamwe ibyo bikorwa bitandukanye biriho.

### Inzego n'imiryango bikorera mu baturage

Kuba harashyizweho Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kurinda abana mu nzego zitandukanye z'ubuyobozi bw'igihugu bituma abaturage barushaho kwigishwa ibirebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Izo Komite kandi zifasha gukusanya amakuru no guhuza serivisi zitangwa.

Kuba mu mashuri harashyizweho za "clubs" zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina zihuriweho n'abahungu n'abakobwa na byo bituma urubyiruko rugira ubushobozi bwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu mashuri cyane cyane mu kurwanya igikorwa cyo guhoza umuntu ku nkeke ugamije gukorana na we imibonano mpuzabitsina n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina abanyeshuri bakorerwa n'abarimu babo ndetse na bagenzi babo b'abanyeshuri. Izo "clubs" zigamije gufasha kugira imyumvire ikwiye no guhindura imyitwarire.

Gahunda zashyiriweho abaturage zigamije kongerera abagore bakennye n'imiryango ikennye ubushobozi mu by'ubukungu na zo zigira uruhare rukomeye mu kurinda abagore gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kurikumira.

Ku birebana no gufasha abakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina, hari byinshi byakozwe kugeza ubu. Hari intambwe igaragara yatewe mu gihugu ku birebana no kubona abakozi barangwa n'ubwitange no gushaka amikoro ya ngombwa hagamijwe guha serivisi abakorerwa ihohoterwa no guhana abantu bose bakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe bifasha ku buryo bugaragara abakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi bishobora no kwifashishwa nk'uburyo bunoze bwo kwita ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kubafasha ku buryo bukwiye. Ibyo bigo bicumbikira ku buryo bwihutirwa kandi mu minsi mike abakorewe ihohoterwa baba bafite ubwoba bwo gusubira iwabo cyangwa se ababa bakeneye ubufasha budasanzwe cyangwa se bakeneye gufata igihe kugira ngo bashobore kwakira ibyababayeho. Abenshi muri bo usanga badatinda gusubira mu miryango yabo cyangwa aho bari batuye kandi ibyo bigo bigakomeza kubakurikirana bibaha ubufasha butandukanye aho bari mu miryango yabo. Ubwo bufasha baba babukenewe cyane kandi ni na bwo butuma babona ubwunganizi mu by'amategeko mu rwego rwa serivisi zikubiye hamwe bahabwa.

Muri Polisi y'Igihugu no mu Ngabo z'Igihugu hashyizweho inzego zirwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina (Gender desks) zifite abakozi bahawe amahugurwa yihariye yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Izo nzego ziha abakorewe ihohoterwa serivisi bakeneye kandi ugasanga akenshi ari zo abantu babanza kwitabaza iyo bageze kuri sitasiyo za Polisi. Na none kandi muri buri Karere hashyizweho Inzu y'ubufasha mu by'amategeko (MAJ). Umukozi umwe muri batatu bakora muri MAJ aba ashinzwe ku buryo bw'umwihariko kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Hashyizweho imirongo myinshi ya telefoni itishyurwa abantu bashobora gukoresha mu guhamagara muri Polisi y'Igihugu, mu Ngabo z'Igihugu no mu Bushinjacyaha igihe bakeneye ubufasha bwihutirwa, kumenyekanisha ibyaha byakozwe no gusobanuza. Muri iki gihe hari ibikorwa byinshi biri gukorwa hagamijwe kongerera ubushobozi abakozi bo mu nzego z'umutekano, abashinzwe ubuvuzi, ubujyanama n'isanamitima mu nzego zirwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, mu bigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe no muri MAJ. Hari kandi n'imiryango ya Leta n'iya sosiyete sivili iha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina ubwunganizi mu by'amategeko.

Inzego z'ubuvuzi zisanzwe ziriho ni zo ziha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina ubufasha mu rwego rw'ubuvuzi, urw'ubujyanama n'urw'isanamitima. Muri ubwo bufasha harimo kubapima virusi itera SIDA, kubaha ubujyanama, kubaha ibinini bituma badasama igihe bamaze gukoreshwa imibonano mpuzabitsina, kubaha urukingo twa tetanosi ,no kubohereza ku kigo nderabuzima no kuri polisi igihe bari gukorewa isuzuma kugira hakusanywe ibimenyetso bishobora kwifashishwa mu rukiko. N'ubwo abahohotewe mu gukoreshwa imibonano mpuzabitsina bavurwa ku buntu byarushaho kuba byiza abantu bose bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina baramutse bavuwe ku buntu. Abatanga serivisi ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bahabwa amahugurwa ku buryo bwo kugira inama abakorewe ihohoterwa no kubitaho no ku buryo bwo gukorana n'abandi bafatanyabikorwa nka Polisi .

Intego Guverinoma y'u Rwanda yihaye ni ukutihanganira na gato ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ni na yo mpamvu politiki yo kurwanya no gukumira

ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorerwa igira uruhare mu gushyigikira ibikorwa bigamije kugera ku ntego z'iterambere mu nzego zose.

**Guha abakorewe ihohoterwa serivisi bakeneye**

Hari abafatanyabikorwa benshi batandukanye batanga serivisi ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina . Mu byo bakora harimo kubahaubufasha mu rwego rw'ubuvuzi, mu rwego rw'ubujyanama n'urw'isanamitima, mu rwego rw'ubwunganizi mu mategeko, mu rwego rwo kubarengera no mu rwego rw'imibereho myiza n'ubukungu. Nyamara ariko hari ibintu byinshi bigaragaramo intege nke ku birebana n'ubwiza bwa serivisi zitangwa n'uburyo izo serivisi zigera ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibiganiro byakozwe mu rwego rwo kungurana ibitekerezo byagaragaje ko habura amikoro ahagije akenewe mu rwego rwo guha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina serivisi bakeneye nyazo. Ibyo biganiro byagaragaje kandi ko usanga abatanga serivisi badafite ubumenyi bwihariye buhagije bukenewe.

**Gukurikirana abakora ihohoterwa: guhana abakoze ihohoterwa no gukumira iryo hohoterwa**

Ubufasha buhabwa abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bugomba kugaragaramo ibikorwa byo guhana abakoze iryo hohoterwa.  Byagaragaye ko ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari icyaha abantu bakunze guhishira cyane. Na none kandi kuba abakorewe ihohoterwa batazi amategeko no kuba batazi ibiranga ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'uburenganzira bwabo bituma batinya kwigaragaza bitewe no kumva biyanze cyangwa no kumvako ihohoterwa bakorewe ari "ikibazo kireba umuryango" cyangwa se kubera ingaruka zishobora guturuka ku gikorwa cyo gukurikiranwa mu nkiko ku wabakoreye ihohoterwa. Urugero: Iyo uwakoze iryo hohoterwa ari we utunze umuryango, iyo akurikiranwe mu nkiko agafungwa bishobora kugira ingaruka zikomeye ku mibereho ya wa muryango mu rwego rw'ubukungu. Na none kandi iyo umwe mu bashyingiranywe afunzwe kubera ihohoterwa yakoreye mugenzi we ibyo bishobora gukomeretsa mu mutima abandi bagize umuryango wabo – cyane cyane abana babyarwa n'uwo ufunzwe.

Iyo ari ubundi bwoko bw'ihohoterwa butari ihohoterwa umuntu akorerwa akoreshwa imibonano mpuzabitsina atabishaka usanga hari impungenge zikomeye z'uko usanga ubwo bwoko bundi bw'ihohoterwa bumenyeshwa gusa inzego z'umutekano igihe rikozwe kenshi kandi ku buryo bukabije. Urugero: hari igihe usanga ikibazo cy'ihohoterwa ryo ku mubiri gishobora gushyikirizwa Komite z'Abunzi kandi iki kibazo kirebwa n'amategeko mpanabyaha aho kuba gifitanye isano n'amategeko mbonezamubano. Nubwo hari igihe bishobora kugaragara ko byaba byiza gushyikiriza ikibazo izindi nzego zitari inkiko, icyemezo cyose gifashwe kigomba gufatwa mu nyungu z'uwakorewe ihohoterwa.

**Ubufatanye no guhuriza hamwe ibikorwa: gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gukurikirana intambwe imaze guterwa**

Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe ni ibikorwa bisaba ubufatanye buri gihe – mu kwigisha abaturage, mu kumenya abakorewe iryo hohoterwa, mu kubohereza aho bagomba guhererwa serivisi bakeneye, kubaha serivisi no gukora ku buryo abakoze iryo hohoterwa bahanirwa icyaha bakoze.

Usanga habura uburyo buhuriweho bwo guhuza ibikorwa by’abafanyabikorwa bo mu nzego zitandukanye.

Igikorwa cyo guhuriza hamwe ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe kigomba na none kujyana neza no gukurikirana no gusuma izo gahunda. Muri iki gihe, usanga uburyo bukoreshwa mu kugaragaza imibare no gukora igenamigambi ku birebana n’ihohoterwa rishingiye ku gitsina budahurijwe hamwe cyangwa ngo bube bujyanye. Ibyo bigaragara guhera mu nzego zo hasi kugeza ku rwego rw’igihugu .Igihe cyose hatariho imibare yizewe ntihanabeho uburyo bwo guhanahana amakuru kuri iyo mibare, intego yo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe ntiyagerwaho uko bikwiye. Ibyo kandi byatuma abafatanyabikorwa bireba badashobora kwigira ku byiza byakozwe ahandi cyangwa ku masomo y’ibyo babonye. Igihe nta mibare y’ibanze igaragajwe ntibyashoboka kumenya igipimo cy’intambwe imaze guterwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa intego zikubiye muri iyi Politiki. Ntibyanashoboka kandi kumenya ahakiri icyuho n’intege nke. Ubumenyi n’inshingano by’Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry’Uburinganire n’Ubwuzuzanye bw’Abagore n’Abagabo mu Iterambere ry’Igihugu ni byo bishobora gushingirwaho mu kunoza ikurikirana n’isuzuma ry’ibikorwa no mu gutegura ububiko buhamye bw’amakuru yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda.

## 5. UBURYO BW’IMIKORERE

Nta rwego na rumwe cyangwa ikigo gishobora kurwanya cyonyine ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Iyi gahunda yateguwe hifashishijwe ibiganiro byahuje abafatanyabikorwa b’ingenzi bo mu nzego zitandukanye ,za minisiteri zitandukanye, n’imiryango itandukanye bikorera mu nzego zose bihurije hamwe imbaraga. Iyi Gahunda y’imyaka 5 igamije gushyiraho uburyo bwo guhuriza hamwe imbaraga mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe hifashishijwe ubufatanye no guhuriza hamwe ibikorwa mu nzego zose.

### *5.1. Intego*

Iyi Gahunda y’imyaka 5 igamije gufasha kugera ku musaruro mu bikorwa 3 by’ingenzi bikubiye muri Politiki y’Igihugu yo kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina. Buri kimwe muri ibyo bikorwa kigamije intego z’igenzi zo gufasha gutera intambwe no gupima intambwe imaze guterwa mu rwego rwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda no gufasha abarikorewe. Izo ntego turazisanga mu Mbonerahamwe B. Buri ntego iherekejwe n’umusaruro uzava mu bikorwa, ibizagerwaho ndetse n’ibikorwa kandi ibyo byose akaba ari byo bizafasha kuyigeraho. Ibyo byose bisobanuye ku buryo burambuye mu bika bikurikira.

*Umugereka B: Intego hakurikijwe Ibikorwa*

| **Igikorwa** | **Intego ikubiye muri Politiki** |
|---|---|
| I. Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina | 1. Gushyigikira ibikorwa byibanda ku ikumira ku buryo ihohoterwa rishingiye ku gitsina ritihanganirwa na gato |
| | 2. Kumenya no gufasha abashobora gukorerwa ihohoterwa hagamijwe gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| II. Gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina | 3. Gutanga serivisi zuzuye ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. |
| | 4. Kunoza uburyo bwo gukurikirana abakoze ihohoterwa no guca burundu ukudahanwa kw'abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina. |
| III. Guhuriza hamwe ibikorwa, kubikurikirana no kwegeranya ibimenyetso | 5. Gushyiraho uburyo bwo guhuriza hamwe no gukurikirana ibikorwa no gusakaza imibare yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina |

Mu bika bikurikira turasangamo umusaruro uzava mu bikorwa, ibizagerwaho ndetse n'ibikorwa bijyanye na buri ntego. Ibyo bikorwa bigamije gushakira umuti imbogamizi ndetse n'ibyuho byagaragaye mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe hifashishijwe ingamba zikurikira: gukangurira abaturage kumenya ibijyanye n'ihohoterwa no kubakorera ubukangurambaga; ubuvugizi no guhanahana amakuru; kwigisha abantu no kubongerera ubushobozi; ingamba zo kubongerera amikoro; gufasha urubyiruko n'ab'igitsina gabo kugira uruhare mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina; guca burundu imigenzereze ishingiye ku muco itajyanye n'igihe; ubufasha mu rwego rw'ubuvuzi, rw'ubujyanama, rw'isanamitima, n'urw'ubwunganizi mu by'amategeko; ubufatanye mu gucunga ibikorwa no kubihuriza hamwe ndetse no gukurikirana no gusuzuma ibyo ibikorwa.

### *5.2. Ingamba zifashishwa mu kugera ku ntego*

**Objective 1: Intego ya 1: Gushyigikira ibikorwa byibanda ku ikumira ku buryo ihohoterwa rishingiye ku gitsina ritihanganirwa na gato**


Intego ya 1 igamije gukora ku buryo Abanyarwanda baba mu gihugu kitihanganira ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi cyiyemeje kugira uruhare rufatika mu gukumira iryo hohoterwa. Ibikorwa biteganijwe muntego ya 1 bigamije gushakira umuti imbogamizi ziriho muri iki gihe zituma habaho ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Izo mbogamizi ni iziterwa no kuba abantu batazi neza kandi ngo basobanukirwe ijambo "uburinganire", kutamenya no kudasobanukirwa uburenganzira bwa muntu n'amategeko yamurengera, imyumvire usanga mu bantu aho bumvako umugabo cyangwa umugore yemerewe gukora imirimo iyi n'iyi ndetse n'imyumvire idahwitse ya bamwe mu bagize sosiyete. Ibyo bikorwa bigamije kandi gufasha guhuriza hamwe ibikorwa no gushyiraho uburyo bunoze bwo gukora ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina byibanda ku bukangurambaga no ku buvugizi.

Intego ya 1 izagerwaho hifashishijwe umusaruro ukurikira uzava mu bikorwa :

*<u>Umusaruro wa 1.1 uzava mu bikorwa:</u> Ishimangirwa ry'indangagaciro z'umuco zikwiye n'iry'imyumvire ikwiye muri sosiyete ku bijyanye n'uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.*

Uburyo rusange bw'imikorere bujyanye n'Intego ya 1 turabusanga mu Mbonerahamwe C. Imisaruro izava mu bikorwa, ibizagerwaho ndetse n'ibikorwa n'ingamba bifatiye kuri iyo misaruro no kuri ibyo bizagerwaho turabisanga ku mapaji akurikira.

*Imbonerahamwe C: Uburyo bw'imikorere – Intego ya 1*




Ikizagerwaho 1.1.1: Ukwiyongera kw'ibikorwa by'ubukangurambaga ku bibazo birebana n'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

| **Nimero** | **Igikorwa** |
|---|---|
| 1.1.1.1 | Gutegura no gukoresha ibiganiro by'ubukangurambaga byerekeranye no guhanahana amakuru no gukora ubuvugizi ku birebana n'uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo biganiro bikaba bigenewe ibyiciro bitandukanye by'abaturage (harimo abayobozi b'inzego z'ibanze, abayobozi b'amadini n'amatorero, inzego z'umutekano, imiryango, amashuri,…) |
| 1.1.1.2 | Gukora inama nyunguranabitekerezo zitandukanye zigenewe abaturage, inzego zishinzwe umutekano, abayobozi b'inzego z'ibanze, komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, "clubs" zo guteza imbere ihame ry'uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina,…. kandi izo nama zigakorerwa mu Turere hagamijwe gufasha abantu kurushaho kumenya ibyerekeye uburinganire, ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'ibyerekeye amategeko |
| 1.1.1.3 | Gukwirakwiza udutabo twanditse mu Kinyarwanda turimo ubutumwa bwumvikana neza bufasha abantu kumenya ibirebana n'amategeko, ibirebana na Politiki yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ibirebana na Gahunda y'imyaka 5 yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| 1.1.1.4 | Gutegura gahunda z'ubukangurambaga zigenewe abakora ihohoterwa rishingiye ku gitsina |

Ikizagerwaho 1.1.2: Ishimangirwa ry'indangagaciro z'umuco zifasha gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

| Nimero | Igikorwa |
|---|---|
| 1.1.2.1 | Gutegura buri gihe inyandiko zisobanura politiki yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina zigenewe urwego rw'uburezi |
| 1.1.2.2 | Gutegura amahugurwa yerekeye guteza imbere indangagaciro z'umuco nziza zirebana n'uburinganire n'izirebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ayo mahugurwa akaba agenewe abanyeshuri, abarimu n'abandi bakozi bo mu burezi |
| 1.1.2.3 | Gutegura agatabo k'inyigisho kagenewe abayobozi b'inzego z'ibanze kerekeye imyumvire myiza ku birebana n'uburinganire kakaba kagomba kwigishwa igihe cy'Umuganda n'igihe habaye andi mahuriro y'abaturage |
| 1.1.2.4 | Gushishikariza abayobozi b'amadini n'amatorero guteza imbere indangagaciro nziza zerekeye uburinganire igihe bari kwigisha abayoboke babo |
| 1.1.2.5 | Gushyigikira igikorwa cyo kwinjiza imyumvire myiza yerekeye uburinganire mu mahame ngengamyitwarire agenga abanyamakuru |
| 1.1.2.6 | Guhugura abahagarariye ibitangazamakuru ku birebana no gutara inkuru zerekeye uburinganire n'izerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| 1.1.2.7 | Gushyiraho no gushyigikira amatsinda yo gukora ibiganirompaka "bifasha abagabo n'abahungu guhindura imyumvire" kandi ayo matsinda agashyirwaho ku nzego zose |
| 1.1.2.8 | Kwinjiza mu mu mihigo gahunda zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo bigakorwa ku nzego zose z'ubuyobozi |
| 1.1.2.9 | Kongerera ubushobozi amashyirahamwe akorera mu baturage hagamijwe guteza imbere indangagaciro nziza z'umuco zishobora gufasha kugabanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu baturage |
| 1.1.2.10 | Gushyiraho ibihembo ngarukamwaka ku miryango no ku bantu ku giti cyabo bakora ibikorwa bidasanzwe ku birebana n'indangagaciro n'umuco no ku birebana no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu baturage |
| 1.1.2.11 | Kwinjiza muri gahunda z'Itorero indangagaciro nziza zerekeye uburinganire n'izifasha kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. |

**Intego ya 2: Kugabanya ibikorwa by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa amatsinda y'abantu ubona ko ari bo bashobora gukorerwa ihohoterwa kurusha abandi**


Guhindura imyumvire hagamijwe gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni igikorwa gikomeje kandi kizafata igihe kirekire. Intego ya 2 igamije guteza imbere imibereho myiza y'abantu bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina muri iki gihe cyangwa bashobora kuzarikorerwa mu minsi iri imbere cyangwa se bakaba bashobora kongera gukorerwa ihohoterwa. Ibikorwa biteganijwe mu rwego rw'intego ya 2 bigamije gufasha kumenya amatsinda y'abantu n'abantu ku giti cyabo bashobora kuba bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kubongerera ubushobozi ngo babashe kwirinda ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Intego ya 2 izagerwaho hifashishijwe umusaruro ukurikira uzava mu bikorwa:

*<u>Umusaruro 2.1:</u> Igabanuka ry'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa amatsinda y'abantu ubona ko ari bo bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abandi*

Uburyo rusange bw'imikorere bujyanye n'Intego ya 2 turabusanga mu Mbonerahamwe D. Umusaruro uzava mu bikorwa, ibizagerwaho ,ibikorwa n'ingamba bifatiye kuri uwo musaruro no kuri ibyo bizagerwaho turabisanga ku mapaji akurikira.

*Imbonerahamwe D: Uburyo bw'imikorere – Intego ya 2*



Ikizagerwaho 2.1.1:Amatsinda y'abantu yagaragaye ko ari bo bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abandi

| **Nimero** | **Igikorwa** |
|---|---|
| 2.1.1.1 | Gutegura amabwiriza ngenderwaho afasha kumenya abashobora gukorerwa ihohoterwa kurusha abandi |
| 2.1.1.2 | Kwinjiza ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu biganiro bikorwa mu nama z'umutekano ku rwego rw'Uturere |
| 2.1.1.3 | Kongerera ubushobozi abatanga serivisi kugira ngo bashobore kumenya abantu bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abandi |
| 2.1.1.4 | Gukora urutonde rw'ahantu ho muri buri Murenge hari amatsinda y'abantu bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abandi |

Ikizagerwaho 2.1.2: Kwiyongera k'ubushobozi ku matsinda y'abantu bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kugira ngo bashobore kuryirinda ubwabo

| **Nimero** | **Igikorwa** |
|---|---|
| 2.1.2.1 | Gutegura ibiganiro by'ubukangurambaga bigenewe abashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kugira ngo bifashishe amategeko ariho baharanire uburenganzira bwabo |
| 2.1.2.2 | Gutegura ibiganiro by'ubukangurambaga bigenewe kwigisha urubyiruko ibyerekeye ubuzima bw'imyororokere, gukumira ihohoterwa, imirimo yitirirwa abagore n'abagabo, uburenganzira bw'abagore, ibintu byihariye biranga abagabo n'ibyerekeye ibindi bintu bifitanye isano n'ibi |

Ikizagerwaho 2.1.3: Abantu ku giti cyabo n'amatsinda y'abantu bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina bashyirwa muri gahunda zo kubongerera ubushobozi

| **Nimero** | **Igikorwa** |
|---|---|
| 2.1.3.1 | Kumenya no kongerera ingufu gahunda ziriho zigamije kongerera abantu ubushobozi mu by'ubukungu |
| 2.1.3.2 | Kurushaho kwegereza amatsinda y'abantu ubona ko ari bo bashobora gukorerwa ihohoterwa kurusha abandi gahunda zisanzwe ziriho zigamije kongerera abantu ubushobozi mu by'ubukungu |

| | |
|---|---|
| 2.1.3.3 | Gutanga amahugurwa y'imyuga ku bagore no ku bantu bari mu kigero cy'urubyiruko bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina (muri bo twavuga abakora umwuga w'uburaya, abimukira, abafite ubumuga,n'abandi). |

**Intego ya 3: Gutanga serivisi zihurijwe hamwe ku bantu bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

Intego ya 3 igamije gukora ku buryo abantu bose bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina bahabwa serivisi zose bakeneye kugira ngo bahangane n'ingaruka z'iki cyaha cy'ihohoterwa baba bakorewe. Ishingiye ku mpamvu zuko bizwi neza ko ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigira ingaruka ku mubiri, ku mitekerereze, ku mutima no ku mikoro by'abakorewe ihohoterwa kandi ikagaragazako ari ngombwa gushyiraho uburyo buhurije hamwe bugomba kwifashishwa mu kuvura no gufasha abakorewe iryo hohoterwa. Abatanga serivisi mu rwego rw'ubutabera na bo bagomba kugira uruhare mu bikorwa bihurijwe hamwe bigamije kwifashishwa mu guha abakorewe ihohoterwa ibyo bakeneye. Ni yo mpamvu imisaruro izava mu bikorwa ndetse n'ibizagerwaho mu rwego rw'Intego ya 3 na byo bifitanye isano ya hafi n'Intego ya 4.


Ibikorwa biteganijwe mu rwego rw'Intego ya 3 bigamije gufasha gukemura imbogamizi zibangamira igikorwa cyo gufasha abakorewe ihohoterwa mu kubona no kugezwaho serivisi bakeneye kimwe n'izibabangamira mu kwivuza ku buryo bunoze kandi bwihuse hashingiwe ku byo bakeneye ku buryo bwihariye.

Intego ya 3 izagerwaho hifashishijwe umusaruro ukurikira uzava mu bikorwa:

<u>*Umusaruro 3.1:*</u> *Abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bahabwa ubufasha mu kubaha serivisi zihurijwe hamwe, zitangiwe hamwe  cyangwa umwe ku giti cye bitewe n'ibyo akeneye.*

Uburyo rusange bw'imikorere bujyanye n'Intego ya 3 turabusanga mu Mbonerahamwe E. Imisaruro izava mu bikorwa, ibizagerwaho ,ibikorwa n'ingamba bifatiye kuri iyo misaruro no kuri ibyo bizagerwaho turabisanga ku mapaji akurikira.

*Imbonerahamwe E: Uburyo bw'imikorere – Intego ya 3*




<u>Ikizagerwaho 3.1.1</u>: Ishyirwaho ry'ibikorwa bigamije guha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina serivisi zihurijwe hamwe, zitangiwe hamwe kandi zibanda ku byo uwakorewe ihohoterwa akeneye ku buryo bwihariye

| Nimero | Igikorwa |
|---|---|
| 3.1.1.1 | Gushyira ku bitaro by'Akarere ibigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe bifasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo bigakorwa ku cyiciro cya mbere |
| 3.1.1.2 | Kongera serivisi zihabwa bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina zitangirwa mu bigo nderabuzima |
| 3.1.1.3 | Kongera serivisi z'ubwunganizi mu mategeko ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina ,zigatangirwa ku rwego rw'imirenge kandi zigatangwa ku buntu hifashishijwe MAJ. |
| 3.1.1.4 | Guha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina servisi hashingiwe ku zo buri wese akeneye ku buryo bw'umwihariko kandi ibyo bigakorerwa kuri sitasiyo zose za polisi |
| 3.1.1.5 | Kurangiza itegurwa ry'amabwiriza ngenderwaho agenga ibigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe no gukora igerageza ry'ayo mabwiriza |

| | |
|---|---|
| 3.1.1.6 | Gushyiraho iteka rya Minisitiri rishyiraho ku mugaragaro amabwiriza ngenderwaho agenga ibigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe kandi rigateganya ko ayo mabwiriza agomba kubahirizwa n'abantu bose areba |
| 3.1.1.7 | Gukora isuzuma ry'ubushobozi n'ibikenewe ku batanga serivisi ( abatanga ubwunganzi mu mategeko, abakora mu nzego z'ubuzima, abakora mu nzego z'umutekano, abakora muri serivisi z'ubujyanama n'iz'isanamitima) |
| 3.1.1.8 | Gutegura agatabo k'amahugurwa no gukoresha amahugurwa bigenewe abatanga serivisi kandi byerekeranye no kwita ku bakorewe ihohoterwa mu kubaha serivisi zitangiwe hamwe hashingiwe ku byo buri wese muri bo akeneye ku buryo bw'umwihariko |
| 3.1.1.9 | Gukwirakwiza mu batanga serivisi bose no mu bantu bose bagaragara ko ari bo bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina amabwiriza ngenderwaho mu kohereza abakorewe ihohoterwa mu nzego bireba. |

Ikizagerwaho 3.1.2: Abakorerwa ihohoterwa bose bafite amahirwe angana mu guhabwa serivisi z'ubuvuzi, iz'ubujyanama ,iz'isanamitima n'iz'ubwunganizi mu mategeko .

| Nimero | Igikorwa |
|---|---|
| 3.1.2.1 | Gukora ibiganiro by'ubukangurambaga bifasha abantu kumenya serivisi ziriho n'uburyo bazihabwa |
| 3.1.2.2 | Gutanga inkunga y'amafaranga n'iy'ibikoresho ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina kugira ngo bashobore gukemura inzitizi zibabuza kubona serivisi z'ubuvuzi, iz'ubujyanama n'isanamitima ndetse n'iz'ubwunganizi mu by'amategeko |

**Intego ya 4: Kunoza uburyo bwo guhana no guca burundu umuco wo kudahana abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

Intego ya 4 igamije gukora ku buryo abantu bose bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bamenyekana no ku buryo bagira ubushake n'ubushobozi byo kudaceceka iryo hohoterwa bakorewe no gukora ku buryo abantu bose bakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina bahanirwa ibyaha bakoze. Iyo ntego igaragaza ko ko yibanda ku bintu bibiri: kudaceceka ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abo baba bagaragajwe ko bakorewe ibyo byaha. Ibikorwa biteganijwe mu rwego rw'Intego ya 4 bigamije gukemura ibibazo bituma habaho guceceka ibyaha bimwe na bimwe by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'imbogamizi zikunze kugaragara mu gukurikirana uko bikwiye abakoze iryo hohoterwa hubahirizwa ihame ryo kurengera inyungu z'abakorewe ihohoterwa.


Intego ya 4 izagerwaho hifashishijwe umusaruro ukurikira uzava mu bikorwa :

*<u>Umusaruro 4.1:</u> Ikurikiranwa mu nkiko ku bakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo bigakorwa ku buryo bunoze*

Uburyo rusange bw'imikorere bujyanye n'Intego ya 4 turabusanga mu Mbonerahamwe F. Imisaruro izava mu bikorwa, ibizagerwaho ndetse n'ibikorwa n'ingamba bifatiye kuri iyo misaruro no kuri ibyo bizagerwaho turabisanga ku mapaji akurikira.

*Imbonerahamwe F: Uburyo bw'imikorere – Intego ya 4*

**Kunoza uburyo bwo guhana no guca burundu umuco wo kudahana abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina**




<u>Ikizagerwaho 4.1.1</u>: Uburyo butandukanye bunoze bwo kumenya no kugaragaza ihohoterwa rishingiye ku gitsina

| Nimero | Igikorwa |
|---|---|
| 4.1.1.1 | Gutegura uburyo bufasha kumenya imitangire ya serivisi mu nzego z'umutekano, iz'ubuvuzi n'iz'ubwunganizi mu by'amategeko |
| 4.1.1.2 | Guhugura abafatanyabikorwa bakorera mu baturage kugira ngo bashobore gukurikirana no kumenyekanisha ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| 4.1.1.3 | Kurushahokumenyekanisha uko bagaragaza ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ( harimo no gukoresha imirongo ya telefoni |

| | |
|---|---|
| | itishyurwa) |
| 4.1.1.4 | Gusuzuma uburyo bw'itangwa ry'ibihano hagamijwe kumenya ingamba zishyigikira uburyo abakorewe ihohoterwa bahangana n'ingaruka mu mibereho myiza no mu by'imari |

Ikizagerwaho 4.1.2: Urwego rw'ubutabera ruhana ku buryo bugaragara abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina

| **Nimero** | **Igikorwa** |
|---|---|
| 4.1.2.1 | Guhugura abakozi bo mu nzego z'ubutabera n'iz'umutekano ku birebana n'uburinganire, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, iperereza rishingiye ku bimenyetso, gukusanya no kubika mu buryo bwa gihanga ibimenyetso byagaragaye, ibipimo mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu n'uburyo bwiza bwo gukorana n'abakorewe ihohoterwa n'abatangabuhamya |
| 4.1.2.2 | Gukora ubushakashatsi bugamije kugaragaza niba bishoboka gushyiraho ingereko z'inkiko zihariye zishinzwe gucira imanza abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| 4.1.2.3 | Gushimangira ubufatanye hagati y'abafatanyabikorwa bose bafite uruhare mu gukurikirana mu nkiko abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gushimangira uburyo bwo guhuriza hamwe ibikorwa byabo |
| 4.1.2.4 | Gusuzuma amategeko na politiki biriho hagamijwe kureba ahari icyuho mu gukurikirana mu nkiko abakora ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| 4.1.2.5 | Gusuzuma imiburanishirize kugira ngo iburanisha ry'imanza zirebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorwe mu mucyo ku buryo bunoze kandi ibyo bigakorwa hubahirizwa ubuzima bwite bw'uwahohotewe kandi akanagiririrwa ibanga |

Ikizagerwaho 4.1.3: Abakoze ihohoterwa bahabwa ubufasha bwo kwirinda ibibatera gukora ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwirinda kongera gukora iryo hohoterwa

| **Nimero** | **Igikorwa** |
|---|---|
| 4.1.3.1 | Gushyiraho gahunda zo kugorora no gutanga ubujyanama ku bahamwe n'icyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bari muri gereza |
| 4.1.3.2 | Gutegura uburyo bwo gutanga ubufasha bwo mu rwego rw'ubujyanama n'isanamitima ku bakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina bafunguwe aho bari mu miryango yabo no gukurikirana gahunda zo kubagorora nyuma yo gufungurwa |

**Intego ya 5: Gushyiraho uburyo bwo guhuriza hamwe no gukurikirana ibikorwa no kurushaho kugaragaza imibare nyayo y'abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina**

Ikigamijwe mu ntego ya 5 ni ugukora ku buryo ibikorwa byose biteganijwe muri iyi Gahunda y'imyaka 5 bihurizwa hamwe kandi bigakurikiranwa ku buryo bunoze kugira ngo bitange umusaruro uhamye kandi binagire akamaro gafatika hakurikijwe amafaranga yabitanzweho tutibagiwe no kuba bigomba kugera ku matsinda y'abo bigenewe. Ibikorwa biteganijwe kuzagerwaho muri iyi ntego ya 5 bigamije gufasha kumenya cyangwa gushyiraho ndetse no gushimangira uburyo bukenewe mu gushyira mu bikorwa iyi Gahunda y'imyaka 5 ku buryo bunoze. Na none kandi Intego ya 5 igamije gushimangira imibare mbumbe n'imibare isesenguye iriho yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina hagamijwe gukora ku buryo amategeko na politiki bishingira ku mibare ifatika kandi bikita ku by'abafatanyabikorwa bose bakeneye no ku byo bashobora gukora. Iyi ntego ishingiye ku mpamvu yuko nta mibare y'ikubitiro ihurijwe hamwe iriho muri iki gihe kandi ibyo bikaba bituma habaho icyuho kiba imbogamizi mu gushyiraho ibipimo bifasha kumenya intambwe iterwa mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe.


Intego ya 5 izagerwaho hifashishijwe imisaruro ibiri ikurikira izava mu bikorwa :

<u>*Umusaruro 5.1:*</u> *Ibikorwa byerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina bihurijwe hamwe ku buryo bunoze hifashishijwe uburyo bukomatanyije buhuriweho n'inzego zitandukanye*

<u>*Umusaruro 5.2*</u>: *Uburyo bufatika ,bukoreshwa mu gusuzuma intambwe imaze guterwa mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe*

Uburyo rusange bw'imikorere bujyanye n'Intego ya 5 turabusanga mu Mbonerahamwe G. Imisaruro izava mu bikorwa, ibizagerwaho ndetse n'ibikorwa n'ingamba bifatiye kuri iyo misaruro no kuri ibyo bizagerwaho turabisanga ku mapaji akurikira.

*Imbonerahamwe G: Uburyo bw'imikorere – Intego ya 5*




Ikizagerwaho 5.1.1: Ishyirwaho ry'uburyo bwo gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina

| **Nimero** | **Igikorwa** |
|---|---|
| 5.1.1.1 | Gushyiraho Komite nyobozi yo ku rwego rw'igihugu ishinzwe gukurikirana ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kugena inshingano zayo n'amahame ayigenga |
| 5.1.1.2 | Kongerera ubushobozi abagize Komite nyobozi yo ku rwego rw'igihugu ishinzwe gukurikirana ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| 5.1.1.3 | Komite nyobozi yo ku rwego rw'igihugu ishinzwe gukurikirana ihohoterwa rishingiye ku gitsina ikora inama zayo mu gihe cyagenwe |
| 5.1.1.4 | Kongerera ubushobozi abagize Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina/kurengera abana ziri ku rwego rw'akarere, urw'umurenge n'urw'akagari |
| 5.1.1.5 | Kongerera ubushobozi imboni zishinzwe uburinganire muri serivisi |

| | |
|---|---|
| | zishinzwe imibereho y'abaturage ku rwego rw'akarere n'urw'umurenge |
| 5.1.1.6 | Gushyiraho uburyo buhurijwe hamwe bwo gukora igenamigambi no gutanga amakuru ku birebana n'ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe. |

Ikizagerwaho 5.2.1: Ishyirwaho ry'uburyo bwo gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bukoreshwa n'abafatanyabikorwa bose hagamijwe gukora ku buryo ibyo bikorwa bitanga umusaruro kandi bikagira akamaro hakurikijwe amafaranga yabitanzweho

| **Nimero** | **Igikorwa** |
|---|---|
| 5.2.1.1 | Gukusanya imibare n'amakuru bigaragaza uko ihohoterwa rishingiye ku gitsina rihagaze mu gihugu mbere y'uko ibikorwa bitangira |
| 5.2.1.2 | Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no guhuriza hamwe imibare n'amakuru ku rwego rw'igihugu |
| 5.2.1.3 | Gushyiraho ibipimo ngenderwaho, uburyo n'amahame rusange bishingiye ku baturage hubahirizwa uburyo rusange bw'imicungire y'amakuru |
| 5.2.1.4 | Guhugura komite z'abaturage n'abagize amahuriro ahuriweho n'inzego zitandukanye mu birebana no gukusanya imibare no gutanga amakuru |
| 5.2.1.5 | Gusuzuma niba hari umusaruro ufatika uva mu bikorwa bikubiye muri iyi Gahunda y'imyaka 5 ku rwego rw'igihugu no ku rwego rw'inzego z'ibanze kandi ibyo bigakorwa buri myaka ibiri |
| 5.2.1.6 | Gufasha ibigo biriho muri iki gihe byibanda ku bushakashatsi kugira ubuzobere bubifasha gukusanya amakuru no gukora ubushakashatsi ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina |
| 5.2.1.7 | Gushyiraho uburyo bwo gukusanya gusesengura no kubika hamwe imibare n'amakuru byerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina. |
| 5.2.1.8 | Kuvugurura buri gihembwe amakuru ari mu bubiko |

## 6. UBURYO BWO GUSHYIRA MU BIKORWA IYI GAHUNDA Y'IMYAKA 5

### *6.1. Abafite uruhare mu gushyira mu bikorwa iyi Gahunda y'imyaka 5*

Leta y'u Rwanda ibinyujije muri za Minisiteri zitandukanye, mu Makomisiyo no mu zindi nzego zayo yihaye intego yo kwita ku buryo bwihariye ku bibazo birebana n'uburenganzira bwa muntu n'iterambere ry'ubukungu. Iyi Gahunda y'imyaka 5 igamije gushingira kuri iyo ntego Leta y'u Rwanda yihaye, kuyishimangira no kuyunganira. Igamije kandi gushyiraho uburyo bwo guhuriza hamwe no gukurikirana ibikorwa hagamijwe gukemura ku buryo bunoze ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Inzego zikurikira zifite uruhare runini mu gushyira mu bikorwa iyi Gahunda y'imyaka 5.

**Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'umuryango**

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina. Iyo nshingano iyuzuza igira uruhare rukomeye mu guhuza ibikorwa, kubikurikirana no kubisuzuma cyane cyane ku birebana no gukorana n'izindi Minisiteri hagamijwe gushyiraho uburyo butandukanye bukwiye. Ifite kandi ishingano yo kuzakwirakwiza iyi Politiki.

**Minisiteri y'Ubutabera**

Iyi Minisiteri ni yo izaba ifite inshingano yo kureba niba amategeko yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'andi mategeko yo muri urwo rwego yubahirizwa uko bikwiye. Izasabwa kandi gukorana ku buryo bwa hafi n'abafatanyabikorwa bireba hagamijwe gutafa mbere y'igihe ingamba zifasha kureba niba amategeko yose ahana ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina akurikiranwa kandi akavugururwa. Izakora kandi ku buryo inzu z'ubufasha mu by'amategeko zikora neza kandi ikanareba niba abakozi bashinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina bakora ku buryo buhoraho kandi bakaba bafite n'ubushobozi bwo guhangana n'iryo hohoterwa.

**Minisiteri y'Uburezi**

Iyi Minisiteri igomba gukora ku buryo hategurwa politiki, amahugurwa, amategeko ngengamyitwarire, porogaramu z'amasomo na gahunda zo ku rwego rw'amashuri binoze hagamijwe umutekano w'abarimu n'abana ku mashuri no gukora ku buryo amashuri atera hakiri kare intambwe iganisha ku gutegurira abana n'urubyiruko kugira uruhare mu kubaka sosiyete itarangwamo ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Iyo Minisiteri izaba kandi ifite inshingano yo gukurikirana no gusuzuma niba intego yari igamijwe mu gutegura izo politiki, ayo mahugurwa n'ayo mategeko ngengamyitwarire n'izo porogaramu z'amasomo mu bigo by'amashuri, mu mashuri makuru no muri za kaminuza yaragezweho.

**Minisiteri y'Ubuzima**

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo gukora ku buryo hashyirwaho politiki na gahunda binoze kandi bifasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina kubona servisi

bakeneye. Muri iyo nshingano harimo gufata mbere y'igihe ingamba yo kwinjiza ihame ry'uburenganzira bwa muntu muri servisi z'ubuzima bw'imyororokere kandi ibyo bigakorwa hifashishijwe ingamba zo kugoboka ku buryo bwihutirwa abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina (aha twavuga nko kubaha ibinini bituma badasama bakimara gukoreshwa imibonano mpuzabitsina). Igomba kandi guteganya uburyo bwihariye bwo kwigisha abaturage ibirebana n'ihohoterwa n'isano rifitanye na virusi itera SIDA. Minisiteri y'Ubuzima ni na yo kandi igomba guteza imbere ibigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe (One-Stop Centers).

### Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo gukora ku buryo hashyirwaho politiki n'amategeko ngengamyitwarire na gahunda binoze hagamijwe gukora ku buryo nta muntu n'umwe uri mu kazi uhozwa ku nkeke hagamijwe kumukoresha imibonano mpuzabitsina cyangwa ngo akorerwe irindi hohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina.

### Minisiteri y'Umutekano w'imbere mu Gihugu

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo gukora igenzura igamije kureba niba gahunda zijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ziri hose kugira ngo yizere neza ko abantu bose bakorewe ihohoterwa bitabwaho ku buryo bwihuse kandi bakanahabwa neza serivisi bakeneye. Ibyo byose igomba kubikora yifashishije cyane cyane Polisi y'Igihugu. Iyo Minisiteri igomba kandi gushishikariza abaturage hagunda ziriho zerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina (aha twavuga gutanga umurongo wa telefoni utishyurwa) hifashishijwe uburyo bwashyizweho n'abaturage mu gufasha polisi mu kwirindira umutekano.

### Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo gukora ku buryo hatagira igihungabanya imibereho myiza y'abaturage. Politiki y'Imibereho myiza y'Abaturage igaragaza neza ko Guverinoma yita ku buryo bw'umwihariko ku matsinda yihariye y'abantu. Ayo matsinda yitabwaho ku buryo bw'umwihariko ni agizwe n'abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, imfubyi, abana bari mu mibereho mibi, abapfakazi, ababana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, urubyiruko rukomoka mu miryango itishobobye, abasirikare bavuye ku rugerero, abantu babana n'ubumuga, abahungutse, impunzi, abageze mu zabukuru, abagwiriwe n'ibiza, abasigajwe inyuman'amateka, n'ayandi. [13] Ni muri urwo rwego iyi Minisiteri igomba gukora ku buryo iyi Politiki yubahirizwa uko bikwiye kugira ngo hakumirwe ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishobora gukorerwa abatishoboye (haba mu mihanda, mu mayira no mu ngo). Igomba kandi gukora ku buryo abagore batishoboye nk'abapfakazi, imfubyi n'abana batishoboye baba mu ngo ziyoborwa n'abandi bana bubakirwa amacumbi akwiye kandi ari ahantu hari umutekano.

### Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi

[13] MINALOC, Social Protection Policy 2005, p.5

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo gukora igenzura hagamijwe kureba niba ihame ry'uburinganire ryinjizwa mu ngengo y'imari ya Minisiteri zose zifite uruhare rukomeye mu guhangana n'ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibyo izabigeraho ishyiraho uburyo bugomba gukurikizwa mu kugena no gukurikirana amafaranga akoreshwa muri uru rwego. Ibi bizagira uruhare rukomeye mu gutanga inkunga y'amafaranga mu nama z'Abagore n'iz'Urubyiruko ndetse n'indi miryango kwita ku kibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. . Iyi Minisiteri ifite kandi inshingano yo gushyiraho amahame ngenderwaho mu kwinjiza ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe muri gahunda no mu ngengo z'imari zitandukanye ku nzego zose.

**Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco**

Bitewe n'uko usanga akenshi ihohoterwa rishingiye ku gitsina rishingiye ku muco, iyi Minisiteri ni yo igomba kuza ku isonga mu kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'umuco zigamije gukangurira abaturage kumenya ikibazo uko giteye no guteza imbere indangagaciro z'umuco nziza zishimangira uburinganire. Iyi Minisiteri ni yo kandi izaza ku isonga mu gukora ku buryo gahunda zigamije gushishikariza urubyiruko kumenya uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina zishyirwa mu bikorwa mu duce twose tw'igihugu hifashishijwe Inama y'Igihugu y'Urubyiruko(NYC).

**Minisiteri y'Ingabo**

Iyi Minisiteri igomba gukora ku buryo ibikorwa byo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina byinjizwa muri gahunda yo kubungabunga amahoro kandi ibyo bikanakorwa hategurwa amahame ngenderwaho agaragara yerekana amategeko ngengamyitwarire anoze agenga abantu bose bari mu ngabo z'igihugu.

**Minisiteri Inshinzwe Ibikorwa by'Inama y'Abaminisitiri**

Kuba ari Minisiteri ishinzwe gufasha Guverinoma kugera ku mikorere myiza kandi inoze, iyi Minisiteri igomba gukora ku buryo iyi Politiki ishyikirizwa Inama y'Abaminisitiri ku gihe kugira ngo iyisuzume kandi iyemeze.

**Inteko Ishinga Amategeko**

Mu rwego rwo kurangiza inshingano ifite yo gutegura, gutora no gushyiraho amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko izafasha mu gutora ingengo y'imari yita ku buringanire. Ibyo izabikora yifashishije cyane cyane Komisiyo zayo zishinzwe Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango. Izagenzura kandi ibigo bya Leta byose igamije kureba niba bishyira mu bikorwa iyi Politiki.

**Uturere**

Minisiteri ishinzwe Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango ifatanyije na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu izorohereza uturere n'imirenge mu gushyiraho no guhuriza hamwe ibikorwa byo kwita ku buringanire.. Serivisi ishinzwe guteza imbere uburinganire ku rwego rw'akarere izaba ifite inshingano zikurikira:

- Gukora ku buryo ibibazo byose birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina byinjizwa ku buryo bukwiye muri gahunda z'iterambere n'ingengo z'imari by'Uturere
- Kugenzura no gufasha ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'uburinganire ku rwego rw'Akarere;
- Gutegura gahunda z'iterambere zita ku buringanire;
- Gufasha Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina/kurengera abana gukora neza;
- Gushishikariza abantu kudahishira ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina;
- Kugira uruhare mu gukusanya amakuru n'imibare ku bireabana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

**Inama y'Igihugu y'Abagore**

Bitewe no kuba ihagarariwe kuri buri rwego rw'imitegekere y'igihugu, Inama y'Igihugu y'Abagore (NWC) ifite inshingano yo gufasha abaturage kumenya amategeko yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo ikabikora ifasha abagore kumenya uburenganzira bwabo. Igomba kandi gufata hakiri kare ingamba zo kumenya ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bigaragara mu baturage no gukorana n'imiryango bireba.

**Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (GMO)**

Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu rufite inshingano yo gukora isuzuma rihoraho rigamije kureba niba ibipimo by'uburinganire ku rwego rw'igihugu byubahirizwa. Urwo rwego rufite inshingano yihariye yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Muri rusange uru rwego rufatwa nk' "urwego ngenzuzi" rushinzwe gukurikirana ibirebana n'uburinganire ku rwego rw'igihugu. Uru rwego kandi rufite inshingano yo kugena inyandiko shusho igomba gukurikizwa mu kugaragaza ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gushyiraho ibipimo bigomba gushingirwaho mu kwerekana uko ihohoterwa rishingiye ku gitsina rihagaze. Na none kandi, uru rwego rufite inshingano yo kunonosora, gusuzuma no gusakaza amakuru n'imibare bya ngombwa kandi byizewe byo ku rwego rw'igihugu ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

**Polisi y'Igihugu (RNP)**

Polisi y'Igihugu ibinyujije mu rwego rwayo rurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina (Gender Desk), izatanga serivisi zihuse kandi zinoze ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibyo kandi izabigeraho ishyira kuri buri bitaro by'akarere umupolisi ushinzwe gukurikirana ku buryo bwihuse ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Polisi y'Igihugu kandi izagira uruhare mu usobanurira abaturage itegeko ryerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'urwunge rw'amategeko ahana ibyaha

kandi ikanagira ibitabo byo kwandikamo imibare igaragaza ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina yamenyeshejwe.

**Ubushinjacyaha Bukuru (NPPA)**

Inshingano y'Ubushinjacyaha Bukuru ni ukugira uruhare mu kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu, gushinja abakoze ibyaha bagashyikirizwa inkiko kandi bakaburanishwa mu buryo buboneye nk'uko biteganijwe mu Itegeko Nshinga, mu mategeko no mu mateka yubahirizwa mu gihugu n'amategeko mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono. Bubinyujije muri serivisi yabwo ishinzwe gukurikirana ihohoterwa rishingiye ku gitsina no ku bufatanye bw'abandi bafatanyabikorwa, Ubushinjacyaha Bukuru buzagira uruhare rukomeye mu gukumira, gushinja no guhana ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

**Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (NYC)**

Bitewe n'uko ihagarariwe kuri buri rwego rw'imitegekere y'igihugu, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko igomba guhabwa ishingano yo gufasha abana n'urubyiruko kumenya amategeko yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Igomba na none gufata hakiri kare ingamba zo kumenya ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abana n'urubyiruko aho baba mu giturage no gukorana n'imiryango bireba.

**Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu**

Iyi Komisiyo izagira uruhare rukomeye mu gukorana n'inzego zitandukanye z'ubuyobozi hagamijwe guteza imbere uburenganzira bwa muntu no kumenya no kugaragaza ibikorwa bihohotera uburenganzira bwa muntu bifitanye isano n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibyo izabigeraho yifashishije serivisi yayo ishinzwe igenzura ry'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu.

**Urwego rw'Umuvunyi**

Mu rwego rw'inshingano yarwo yo kurwanya akarengane na ruswa mu Rwanda, Urwego rw'Umuvunyi rugomba gushyiraho serivisi yihariye ishinzwe gukurikirana akarengane gashingiye ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina na ruswa ishingiye ku gitsina.

**Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC)**

Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC) gifite inshingano yo gusobanurira abaturage isano iri hagati y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina muri rusange na virusi itera SIDA ku buryo bw'umwihariko. Gishinzwe kandi kwita ku bibazo by'akato cyane cyane abahohotewe bagakoreshwa imibonano mpuzabitsina batabishaka.

**Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Kurwanya Jenoside**

Abenshi mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ni abagore bafashwe ku ngufu kandi bamwe muri bo bandujwe virusi itera SIDA. Kuba ari urwego rwigenga, Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe kurwanya Jenoside izashyiraho uburyo bwo kungurana ibitekerezo ku ngaruka zo gufatwa ku ngufu no ku ngamba zifasha guhangana n'icyo

kibazo. Iyo Komisiyo izakomeza gukora ubuvugizi hagamijwe kunoza ibikorwa bigamije gutanga serivisi z'ubujyanama n'isanamitima ku bafashwe ku ngufu mu gihe cya jenoside.

**Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare**

Bitewe nuko ari ngombwa kugira imibare ifatika ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare kizafasha gukora ku buryo ubushakashatsi bwose bukozwe na za Minisiteri zitandukanye ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bugaragaza neza imibare ijyanye na buri cyiciro cy'abaturage ku bitsina byombi kandi kigakora ku buryo amakuru n'imibare bikusanyijwe ku birebana n'ihohoterwa byifashishwa mu gukora ubuvugizi, igenamigambi n'ikurikiranabikorwa.

**Ibigo by'amashuri makuru**

Ibi bigo bizagira uruhare mu gukora ubushakashatsi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gukora ku buryo amasomo atanzwe n'amahugurwa y'igihe gito aba akubiyemo ku buryo nyabwo ibijyanye n'uburinganire n'ibindi bijyanye na bwo. Ni muri urwo rwego ibigo by'amashuri makuru bizagira uruhare gufasha abaturage kumenya ibijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kongerera ubushobozi abashakashatsi kugira ngo basobanukirwe kandi bashobore gusobanura neza ibyerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina igihe bari mu mahuriro atandukanye.

**Urwego Ngishwanama ku Miyoborere (RGB)**

Urwego Ngishwanama ku Miyoborere rufite inshingano yo guteza imbere no gukurikirana imiyoborere myiza mu bigo bya Leta, mu masosiyete no muri sosiyete sivili mu Rwanda kandi ibyo rukabigeraho rwifashishije ubushakashatsi, serivisi z'ubujyanama, ibiganiro mpaka kuri politiki ziriho no gukorana n'izindi nzego. Urwo rwego rugomba kugira inama Guverinoma kujya bakora politiki n'ingamba z'igihe kirekire byose bishingiye ku bushakashatsi. Iyo urwo rwego rukora ibyo ruba rushobora gushyigikira ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu gihugu.

Imiryango itegamiye kuri Leta, Imiryango ikorera mu baturage n'abakora muri

sosiyete sivili

Abakora mu miryango itegamiye kuri Leta, no mu miryango ikorera mu baturage ndetse n'abandi bakora muri sosiyete sivili bazakomeza kugira uruhare mu gutanga serivisi kandi banashimangire inshingano zabo kandi baninjize muri izo nshingano igikorwa cy'ubuvugizi. Ni yo mpamvu Ihuriro ry'imiryango igize sosiyete sivili rigomba kubigiramo uruhare rukomeye. Kugira ngo ihohoterwa rishobora kubakorerwa rigabanyuke, abari mu matsinda y'abashobora kuba bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abandi bagomba kugira uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Imiryango ishamikiye ku madini cyangwa ku matorero

Bitewe n'uruhare rugaragara ifite mu buzima bw'Abanyarwanda bwa buri munsi, imiryango ishamikiye ku madini cyangwa ku matorero izagira uruhare mu bikorwa

byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'ihohoterwa rikorerwa abana mu giturage. Ibyo bizagerwaho hifashishijwe kwigisha abantu (aha twavuga nk'igihe bahabwa inyigisho zibategurira gushinga urugo), kongerera abagore ubushobozi mu by'ubukungu, gukora ubuvugizi no gutanga ubujyanama hifashishijwe inyigisho z'idini cyangwa z'itorero.

Ibitangazamakuru

Ibitangazamakuru bizagira uruhare rwo kwigisha abantu ibyerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina no guca ukubiri n'umuco wo guceceka no kugira isoni mu ihohoterwa. Ibitangazamakuru bizaza ku isonga mu guhindura imyumvire y'abantu ku giti cyabo n'iya sosiyete ndetse no guteza imbere indangagaciro zijyanye n'uburinganire kandi bikareka gukwirakwiza imyumvire n'imigenzereze idahwitse ku birebana n'uburinganire. Ibitangazamakuru bizateza imbere umuco wo gutara inkuru zerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Urwego rw'abikorera

Kubera isano iri hagati y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'amikoro make y'abagore mu by'ubukungu, urwego rw'abikorera rugomba kugira uruhare mu mibereho myiza y'abaturage ibyo rukabikora rutera inkunga abagore hifashishijwe kubongerera ubumenyi no kubateza imbere mu mirimo bakora ndetse no kutihanganira ihohoterwa rishingiye ku gitsina aho bakorera.

Imiryango mpuzamahanga n'abaterankunga mu iterambere: Guverinoma y'u Rwanda ntabwo ifite amikoro yo mu rwego rw'imari na tekiniki akenewe kugira ngo iyi Politiki ishyirwe mu bikorwa. Ni yo mpamvu imiryango mpuzamahanga itandukanye n'abaterankunga batandukanye mu iterambere bazatera inkunga Guverinoma y'u Rwanda mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Politiki.

## *6.2.* Uburyo bwo guhuriza hamwe, gucunga no gukora ibikorwa

Kugira ngo iyi Politiki ishobore gushyirwa mu bikorwa, Guverinoma y'u Rwanda igomba:

- Gufasha ibigo bya Leta n'izindi nzego no kubyongerera ubushobozi kugira ngo bishobore gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe;
- Gukora ku buryo Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose ryigishwa Abanyarwanda ku buryo buhagije no gukora ku buryo barisobanukirwa neza bakanaryubahiriza;
- Gukora ku buryo hashyirwaho uburyo bwo guhuriza hamwe ibikorwa, kubikurikirana no kubisuzuma kandi ubwo buryo bukaba bukora neza.

Abafatanyabikorwa bo mu nzego zitandukanye (Guverinoma, imiryango ya sosiyete sivili, imiryango mpuzamahanga n'abaterankunga mu iterambere) bagomba guhuriza hamwe imbaraga kugira ngo bagire uruhare mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe kuko ihohoterwa rishingiye ku gitsina ridashobora gucibwa burundu igihe izo nzego zidashoboye gukorera hamwe.

Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Politiki rigomba gushyirwa mu bintu bya mbere byihutirwa kuva ku rwego rw'umuryango n'urw'abaturage kugeza ku nzego zo hejuru za Guverinoma.

*Urwego rwo guhuriza hamwe ibikorwa ku rwego rw'igihugu*

Urwo rwego rwo guhuriza hamwe ibikorwa ku rwego rw'igihugu ruzaba ruyobowe na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango ruzakorera ku rwego rw'igihugu no ku nzego z'ibanze kandi rukorane n'abayobozi mu bya politiki, inzobere mu bya tekiniki kandi rukore kugeza hasi ku nzego z'abaturage.

**Urwego rwa politiki ku rwego rw'igihugu**

Komite Nyobozi ku rwego rw'igihugu ikuriwe na MIGEPROF na MINISANTE hakazamo na MINECOFIN, GMO, NWC, MINIJUST, RNP, NPPA, Komisiyo y'Igihugu y'Abana n'abaterankunga mu iterambere bireba bahagarariwe ku rwego rwo hejuru. Iyo Komite Nyobozi ni yo itanga inama rusange kandi igakora inama zayo inshuro ebyiri mu mwaka igamije gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'intego zikubiye muri iyi Politiki, guhanahana amakuru no guhuriza hamwe ibikorwa ndetse no gufasha abakorewe ihohoterwa.

Abaterankunga mu iterambere bazagira uruhare rukomeye mu guhuriza hamwe no gushyira mu bikorwa iyi Politiki binyujijwe mu gutanga inkunga yo mu rwego rwa tekiniki,gukora ubuvugizi ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga ku birebana n'uburinganire n'ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse gushakisha amafaranga akenewe kugira ngo abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu gihugu hose babone ubufasha .

**Ibikorwa bya tekiniki ku rwego rw'igihugu**

Ku rwego rw'igihugu, hariho Amatsinda abiri ya Tekiniki agamije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku Gitsina akuriwe na MIGEPROF na MINISANTE kandi akaba abarizwa mu Cyiciro cy'inzego zishinzwe uburinganire (Gender Cluster). Ayo matsinda agira uruhare mu gutanga inzobere mu bya tekiniki ku birebana n'intego z'iyi Politiki n'iza Gahunda yayo y'imyaka 5 kandi zikaba zigomba gushyikiriza Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu raporo ngarukagihembwe.


**Ibikorwa ku rwego rw'inzego z'ibanze**

Nk'uko biteganijwe mu mahame ngenderwaho ku rwego rw'igihugu, Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no Kurengera Abana zashyizweho uhereye ku Mudugudu kugeza ku nzego zo hejuru. Ku rwego rw'ibanze rwo hasi, Umuyobozi w'Umudugudu akusanya amakuru atanzwe n'inzego zashyizweho n'abaturage mu gufasha polisi mu kwirindira umutekano n'atanzwe n'abajyanama b'ubuzima ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'ibikorwa bifitanye isano n'iryo hohoterwa. Ayo makuru ashyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari abifashijwemo n'Umukozi ushinzwe imibereho myiza y'abaturage k'urwego rw'akagari n'uhagariye Polisi y'Igihugu (RNP) na we ayo makuru akayashyikiriza Komite ishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina na komite ishinzwe kurengera abana.

Ku rwego rw'akarere, Komite ishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsinana komite ishinzwe kurengera abana ikuriwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije

ushinzwe imibereho myiza y'abaturage akaba ari we Perezida wayo, akunganirwa n'umukozi ushinzwe uburinganire no kurengera abana ku rwego rw'akarere. Iyo Komite ifite inshingano yo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zigamije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku rwego rw'Akarere kandi ni na yo ikusanya amakuru agaragaza ingorane ziriho n'intambwe imaze guterwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa izo hagunda guhera mu nzego zo hasi mu baturage kugeza ku nzego zo hejuru. Komite ishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina/Kurengera abana izakorana n'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'uturere (JADF) maze itange ibitekerezo byo kwifashishwa mu kugena gahunda z'ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina kugira ngo ibyo bitekerezo bibe ari byo bishingirwaho mu gukora igenamigambi ry'iterambere mu nzego z'ibanze. Ibindi bisobanuro ku ruhare rwa Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsinana komite zishinzwe kurengera abana inshingano zazo ndetse n'abazigize bikubiye mu mahame ngenderwaho ku rwego rw'igihugu.

# UBURYO BWO GUHURIZA HAMWE IBIKORWA



## 7. AMAFARANGA AKENEWE NO KUYASHAKA

Kugira ngo Politiki y'Igihugu yo Kurwanya ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina ishobore gushyirwa mu bikorwa hazakenerwa amafaranga ahagije. Kuba ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari ikibazo usanga mu nzego zose, abafatanyabikorwa bose bagomba gushyira hamwe mu gutanga ingengo y'imari ikenewe. Ingengo y'imari igenerwa ibikorwa birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina igenwa na MIGEPROF n'abaterankunga bayo batandukanye baba abegamiye cyangwa abategamiye kuri Leta, baba ari ibigo bikorana na yo ubwabyo cyangwa biri hamwe n'ibindi bigo izakoreshwa mu gushyira mu bikorwa iyi Gahunda y'imyaka 5. Ubufatanye bufatika n'imikoranire myiza bizafasha mu gushakisha amafaranga no gushyira mu bikorwa iyi Gahunda ku buryo bwihuse.

### *7.1. Amafaranga ateganijwe gukoreshwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Gahunda y'igihugu yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina*

Imbonerahamwe B ikurikira ikubiyemo ikigereranyo cy'amafaranga azakenerwa mu gushyira mu bikorwa Gahunda y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina hakurikijwe imisaruro izava mu bikorwa n'ibizagerwaho byagaragajwe mu gihe cy'imyaka 5 iyo Gahunda izamara.

Icyo bizatwara cyagaragajwe mu mafaranga y'u Rwanda no mu madorari y'Amanyamerika. Iki kigereranyo cy'amafaranga cyagenwe hifashishijwe ibiganiro twagiranye na Minisiteri zitandukanye n'abandi bafatanyabikorwa b'ibanze. Hakozwe kandi ibishoboka byose kugira ngo icyo kigereranyo kitagaragaramo ibikorwa bisa n'ibiteganijwe gukorwa n'inzego zitandukanye.

**Imbonerahamwe B: Amafaranga ateganijwe gukoreshwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Gahunda y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina**

Ikigereranyo cy'ingengo y'imari iteganijwe mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Gahunda y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina mu gihe cy'imyaka 5 (2011-2016) ingana *n'amafaranga y'u Rwanda 21.674.630.000* ni ukuvuga *amadorari y'Amanyamerika 36.124.383*. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibice by'ingengo y'imari byagiye bigenwa kuri buri musaruror uzava mu bikorwa no ku bizagerwaho.

| **UMUSARURO UZAVA MU BIKORWA** | **Igiteranyo cy'ingengo y'imari (RWF)** | **Igiteranyo cy'ingengo y'imari (USD)** |
|---|---|---|
| **Intego ya 1: Gushyigikira ibikorwa byibanda ku ikumira ku buryo ihohoterwa rishingiye ku gitsina ritihanganirwa na gato muri sosiyete** | | |
| **Umusaruro 1.1 uzava mu bikorwa: Ishimangirwa ry'indangaciro z'umuco zikwiye n'iry'imyumvire ikwiye muri sosiyete ku bijyanye n'uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina** | | |
| Ikizagerwaho 1.1.1: Abantu bazarushaho gukangurirwa no gusobanukirwa ibibazo byerekeye uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina | 376.350.000 | 627.250 |
| Ikizagerwaho 1.1.2: Ishimangirwa ry'indangagaciro z'umuco zifasha gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina | 1.203.050.000 | 2.005.083 |
| **Intego ya 2: Kugabanya ibikorwa by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa amatsinda y'abantu bagaragara ko aribo bashobora gukorerwa ihohoterwa kurusha abandi** | | |

| | | |
|---|---|---|
| **Umusaruro 2.1 uzava mu bikorwa: Igabanuka ry'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa amatsinda y'abantu bagaragara ko aribo bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abandi** | | |
| Ikizagerwaho 2.1.1: Imenyekana ry'amatsinda y'abantu bagaragara ko aribo bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina | 104.352.000 | 173.920 |
| Ikizagerwaho 2.1.2: Iyongerwa ry'ubushobozi bw'amatsinda y'abantu bagaragara ko aribo bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kugira ngo bashobore kuryirinda ubwabo | 859.560.000 | 1.432.600 |
| Ikizagerwaho 2.1.3: Ishyirwaho rya gahunda yo kongerera ubushobozi abantu ku giti cyabo cyangwa amatsinda y'abantu bagaragara ko aribo bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina | 6.012.000.000 | 10.020.000 |
| **Intego ya 3: Gutanga serivisi ziboneye ku bantu bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina** | | |
| **Umusaruro 3.1 uzava mu bikorwa: Abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bari mu miryango yose bahabwa ubufasha mu kubaha serivisi zihurijwe hamwe, ziboneye kandi ibyo bigakorwa hashingiwe ku guha buri wese serivisi akeneye ku buryo bwihariye** | | |
| Ikizagerwaho 3.1.1: Ishyirwaho ry'ibikorwa bigamije guha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina serivisi zihurijwe hamwe, ziboneye kandi zibanda ku byo uwakorewe ihohoterwa akeneye ku buryo bwihariye | 6.362.850.000 | 10.604.750 |
| Ikizagerwaho 3.1.2: Abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bafite uburenganzira bungana bwo guhabwa serivisi z'ubuvuzi, iz'ubujyanama n'iz'isanamitima ndetse n'iz'ubwunganizi mu mategeko. | 4.455.000.000 | 7.425.000 |
| **Intego ya 4: Kunoza uburyo bw'uburyozwe ku bakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina no guca burundu ukudahanwa ku bakoze iryo hohoterwa** | | |

| | | |
|---|---|---|
| | | |
| **Umusaruro 4.1uzava mu bikorwa: Ikurikiranwa mu nkiko ku bakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo bigakorwa ku buryo bunoze** | | |
| Ikizakorwa 4.1.1: Uburyo butandukanye bunoze bwo kumenya no kugaragaza abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina | 324.600.000 | 541.000 |
| Ikizakorwa 4.1.2: Inzego z'ubutabera zihana ku buryo nyabwo abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina | 190.500.000 | 317.500 |
| Ikizakorwa 4.1.3: Abakoze ihohoterwa bafashwa kwirinda ibibatera gukora ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwirinda kongera gukora iryo hohoterwa | 263.100.000 | 438.500 |
| **<u>Intego ya 5</u>: Gushyiraho uburyo bwo guhuriza hamwe ,gukurikirana ibikorwa no kurushaho kugaragaza imibare nyayo yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina** | | |
| **Umusaruro 5.1 uzava mu bikorwa: Ibikorwa byerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina bihurijwe hamwe ku buryo bunoze hifashishijwe uburyo bukomatanyije buhuriweho n'inzego zitandukanye** | | |
| Ikizagerwaho 5.1.1: Ishyirwaho ry'uburyo bwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina | 774.060.000 | 1.290.100 |
| Ikizagerwaho 5.2.1: Ishyirwaho ry'uburyo bw'ikurikirana n'isuzumabikorwa bukoreshwa n'abafatanyabikorwa bose hagamijwe gukora ku buryo ibyo bikorwa bitanga umusaruro kandi bikagira akamaro hakurik<br>ijwe amafaranga yabitanzweho | 749.208.000 | 1.248.680 |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingengo y'imari yose hamwe** | **21.674.630.000** | **36.124.383** |

## 8. UBURYO BW'IKURIKIRANA N'ISUZUMABIKORWA

Kugira ngo Gahunda y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa rishingiye ku Gitsina ishobore gushyirwa mu bikorwa ni ngombwa ko Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (GMO) rushyiraho uburyo bunoze bw'ikurikirana n'isuzumabikorwa. Ni yo mpamvu bidahagije ko abafatanyabikorwa bose b'urwo Rwego biyemeza gusa kugira uruhare mu gushyira mu bikorwa iyo Gahunda ko ahubwo ari na ngombwa ko batanga impamvu ziba zatumye badakora ibyo biyemeje. Muri abo bafatanyabikorwa twavuga imishinga ikorera mu baturage, ibigo bya Leta n'abaterankunga mu iterambere.

Bitewe nuko ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari ikibazo giteye inkeke, ni ngombwa gushyiraho uburyo bw'ikurikirana n'isuzuma ry'ibyagezweho. Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (GMO) ruzifashisha ibipimo bishingirwaho mu gusuzuma ibyagezweho. Ibyo bipimo bikubiye mu mbonerahamwe igaragaza mu ncamake umusaruro uzava mu bikorwa n'ibizagerwaho mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Gahunda y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa (Reba Umugereka). Urwo rwego ruzanashyiraho ibipimo byumvikana bigaragaza ibigomba kugerwaho kugira ngo rubyifashishe mu gusuzuma akamaro ka gahunda zigamije gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe mu Rwanda. Iryo suzuma rizakorwa mu gihe kigufi cyangwa mu gihe kirekire kijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'iyo Gahunda. Ishyirwa mu bikorwa ry'iyo Gahunda rigomba gushingira ku ntego zigamijwe no ku ngamba zigomba kwifashishwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'izo ntego kandi igerwaho ry'izo ntego rikaba rigomba gusuzumwa nibura rimwe mu mwaka hifashishijwe amahame ngenderwaho akurikizwa mu isuzuma ibyagezweho mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Gahunda yaguye y'Imbaturabukungu no Kugabanya Ubukene (EDPRS).

Kugira ngo hasuzumwe intambwe imaze guterwa kandi hanashyirweho ingamba zo gukosora ibitagenda neza, ni ngombwa gushyiraho uburyo bunoze bwo gukusanya amakuru n'imibare. Na none kandi ni ngombwa kugaragaza neza uruhare n'inshingano by'inzego za Leta zitandukanye mu bikorwa byo gukusanya no gusuzuma imibare n'amakuru bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo bigakorwa uhereye ku nzego z'ibanze kugera ku nzego zo hejuru. Kugira ngo ibyo bishoboke, hagomba kubanza gukorwa isuzuma ry'ibyo inzego zikeneye kugira ngo zishobore gukora isuzuma n'ikurikiranabikorwa ku buryo bunoze. Ni ngombwa gushimangira uruhare rw'abafatanyabikorwa b'ibanze mu gushyiraho ibipimo hagamijwe kumvisha abantu ko ibikorwa ari ibyabo. Ibi bizatuma barushaho gusobanukirwa neza no kwifashisha ibyo bipimo igihe bafata ibyemezo[14].

Gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bya gahunda y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina buzatuma ibikorwa bigerwaho hubahirizwa

[14] See e.g., UNESCO PROAP, Training Manual for Local Government Representatives in Non-Formal Education, 2001, p. 201.

inshingano z’amasezerano yo ku rwego rw’akarere n’ayo ku rwego mpuzamahanga igihugu cyiyemeje kandi hagashingirwa ku byiza biriho byakozwe no ku mategeko y’u Rwanda.

Igikenewe gukorwa mbere y’ibindi byose kugira ngo ishyirwa mu bikorwa n’isuzuma rya Gahunda y’Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa rishobore gukorwa ku buryo bunoze ni ukugena ibigomba gushingirwaho mu gukusanya imibare n’amakuru hanyuma hagakurikiraho gutegura ibigomba kwifashishwa mu gukusanya iyo mibare n’ayo makuru.

Muri ibyo bigomba gushingirwaho mu gukusanya iyo mibare n’ayo makuru harimo ibintu bikurikira:

- Amahame ngenderwaho asobanutse neza akurikizwa mu ikurikiranabikorwa;
- Amasuzuma n’inama ngarukagihe bikorwa nyuma y’igihe iki n’iki hagamijwe gusuzuma intambwe imaze guterwa;
- Intego zisobanuye neza kandi ziteye ku buryo zifasha gusuzuma uko zigenda zishyirwa mu bikorwa;
- Uburyo bufasha kumenyekanisha vuba ibijyanye n’ ihohoterwa rishingiye ku gitsina n’ibibazo bifitanye isano na ryo.[15]

Ibyifashishwa mu gukusanya iyo mibare n’ayo makuru bigenda bihinduka bitewe n’ingamba iyi n’iyi igamijwe, muri byo harimo ibintu bikurikira:

- Urutonde rugaragaza ibikorwa biteganijwe n’igihe bigomba gukorerwaho;
- Kureba uko ibintu byifashe hifashinshijwe ingendo ziteganijwe n’izitunguranye zigamije kujya kureba uko ibintu byifashe;
- Kubaza mu magambo abantu batandukanye harimo abahabwa serivisi zijyanye n’ihohoterwa rishingiye ku gitsina, abahagarariye abaturage, abakozi bashinzwe ishyirwa mu bikorwa rya gahunda n’abandi bafatanyabikorwa;
- Gukorana ibiganiro n’abantu ku giti cyabo ndetse n’amatsinda;
- Raporo ngarukagihe zitangwa n’abafatanyabikorwa bose barebwa n’ihohoterwa rishingiye ku gitsina;
- Ubushakashatsi n’amagenzura.[16]

Ni ngombwa na none kandi ko abantu bafite uruhare mu ikurikirana n’isuzumabikorwa haba mu nzego z’ibanze no ku rwego rw’igihugu bagira ubumenyi buhagije butuma bashobora kuzuza izo nshingano zo gukurikirana no kugenzura ibikorwa. Kimwe mu byatuma ibyo bigerwaho ni ugutera inkunga ibikorwa byo kongera ubushobozi. Aha twavuga nko gukoresha buri gihe amahugurwa yerekeye ikurikirana n’isuzumabikorwa.

[15] See ibid, p. 204.
[16] See ibid, p. 204-205.

**UMUGEREKA: IMBONERAHAMWE IGARAGARIZA MU NCAMAKE UMUSARURO UZAVA MU BIKORWA N'IBIZAGERWAHO MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA GAHUNDA Y'IGIHUGU YO KURWANYA IHOHOTERWA**

**<u>Intego ya 1:</u> Gushyigikira ibikorwa byibanda ku ikumira ku buryo ihohoterwa rishingiye ku gitsina ritihanganirwa na gato**

| **Umusaruro 1.1: Ishimangirwa ry'indangaciro z'umuco ukwiye n'iry'imyumvire ikwiye muri sosiyete ku bijyanye n'uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.** | | |
|---|---|---|
| **Ibipimo by'umusaruro uzava mu bikorwa** | **Uburyo bwifashishwa mu gukora igenzura** | **Imbogamizi n'umusaruro bitegerejwe** |
| Kumenya imyumvire idahwitse muri sosiyete ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina<br><br>Uburyo abantu bari muri sosiyete bashoboye guhindura imyumvire yabo n'indangagaciro z'umuco ku birebana n'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina | • Ubushakashatsi /inyandiko y'ibibazo bibazwa ku birebana n'imyumvire ku buringanire no ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina – gukora ubushakashatsi bugaragaza uko ibintu byifashe mbere y'uko ibikorwa bitangira no gukora ubundi bushakashatsi nyuma y'imyaka 5 hagamijwe kureba intambwe yatewe<br>• Umusaruro w'ibikorwa birebana n' ihohoterwa rishingiye ku gitsina ugaragara mu MIHIGO yo ku nzego zose<br>• Gahunda z'inyigisho zihariye ziteza imbere uburinganire | Imyumvire ishingiye ku muco yabaye karande aho abantu bumvako umuntu ashobora gukora inshingano izi n'izi kuberako ari uw'igitsina gabo cyangwa uw'igitsina gore<br><br>Kuba abantu batazi uburenganzira n'amategeko byerekeye uburinganire hagati y'abagabo n'abagore<br><br>Igabanyuka ry'imyumvire ishingiye ku muco aho abantu bumvako umuntu ashobora gukora inshingano izi n'izi kuberako ari uw'igitsina gabo cyangwa uw'igitsina gore |

| | | |
|---|---|---|
| | • Isuzuma ry'ibitangazamakuru byita ku buringanire<br>• Inyandiko z'ubushakashatsi zita ku buringanire zitangazwa n'abashakashatsi bo mu mashuri makuru<br>• Imiryango ishamikiye ku madini cyangwa ku matorero yita ku buringanire | Abantu barushaho kumenya uburenganzira n'amategeko byerekeye uburinganire hagati y'abagabo n'abagore |

| **Ikizagerwaho 1.1.1: Abantu barushaho gukangurirwa no kumenya ibibazo byerekeye uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina** | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Nimero** | **Igikorwa** | **Inzego bireba** | **Ibipimo** | **Igihe bizakorerwa** | | | | |
| | | | | **UMWAKAWA 1** | **UMWAKAWA 2** | **UMWAKAWA 3** | **UMWAKAWA 4** | **UMWAKAWA 5** |
| ***1.1.1.1*** | Gutegura no gukoresha ibiganiro by'ubukangurambaga byerekeranye no guhanahana amakuru no gukora ubuvugizi ku birebana n'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo biganiro bikaba bigenewe ibyiciro bitandukanye by'abaturage (harimo abayobozi b'inzego z'ibanze, abayobozi b'amadini n'amatorero, inzego z'umutekano, imiryango abantu babamo, amashuri,…) | Urwego rukuriye igikorwa: MIGEPROF<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi :<br>MINEDUC<br>MININFOR<br>MIJESPOC<br>MINIJUST<br>Ibitangazamakuru<br>Inzego zishamikiye ku madini cyagwa ku matorero<br>Imiryango itegamiye kuri Leta | Umubare w'abayobozi b'inzego z'ibanze ,ab'amadini n'amatorero bakorewe ibikorwa by'ubukangurambaga n'ubuvugizi<br><br>Umubare w'ibikorwa by'ubuvugizi ku birebana n'ibibazo bifitanye isano n'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina | | | | | |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Imiryango ikorera mu baturage | | | | | | |
| ***1.1.1.2*** | Gukora inama nyunguranabitekerezo zitandukanye zigenewe abaturage, inzego zishinzwe umutekano, abayobozi b'inzego z'ibanze, komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, amatsinda (clubs) ashinzwe guteza imbere uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina,n'abandi…. kandi izo nama zigakorerwa mu Turere hagamijwe gufasha abantu kurushaho kumenya ibyerekeye uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'ibyerekeye amategeko | Urwego rukuriye igikorwa: MIGEPROF<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi :<br>MINALOC<br>MINIJUST<br>MINEDUC<br>Uturere<br>Inzego zishamikiye ku madini<br>Imiryango itegamiye kuri Leta<br>Imiryango ikorera mu baturage | Umubare w'inama nyunguranabitekerezo ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina<br><br>Umubare w'abantu bahuguwe | | | | | |
| ***1.1.1.3*** | Gukwirakwiza udutabo twanditse mu Kinyarwanda turimo ubutumwa bwumvikana neza bufasha abantu kumenya ibirebana n'amategeko, ibirebana na Politiki yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ibirebana na | Urwego rukuriye igikorwa: MIGEPROF<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi :<br>MINIJUST<br>MINEDUC<br>Uturere | Umubare w'imidugudu yahawe utwo dutabo | | | | | |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gahunda y'imyaka 5 yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina | Imiryango itegamiye kuri Leta | | | | | | |
| ***1.1.1.4*** | Gutegura gahunda z'ubukangurambaga zigenewe abakora ihohoterwa rishingiye ku gitsina | Urwego rukuriye igikorwa : MIGEPROF<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi :<br>MININTER<br>MINISANTE<br>MININFOR<br>MINEDUC<br>MINIJUST<br>Amadini n'amatorero<br>Imiryango itegamiye kuri Leta<br>Ibitangazamakuru | Umubare w'abakoze ihohoterwa bakorewe ubukangurambaga | | | | | |
| **Ikizagerwaho 1.1.2: Ishimangirwa ry'indangagaciro z'umuco zifasha gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina** | | | | | | | | |
| **Nimero** | **Igikorwa** | **Inzego bireba** | **Ibipimo** | **Igihe bizakorerwa** | | | | |
| | | | | **UMWAKAWA 1** | **UMWAKAWA 2** | **UMWAKAWA 3** | **UMWAKAWA 4** | **UMWAKAWA 5** |
| ***1.1.2.1*** | Gutegura buri gihe inyandiko zisobanura politiki yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina | Urwego rukuriye igikorwa : MIGEPROF | Umubare w'amatsinda (clubs) agamije guteza imbere uburinganire akorera ku rwego rw'mashuri | | | | | |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | zigenewe urwego rw'uburezi | Abafatanyabikorwa b'ingenzi : MINEDUC MININFOR MIJESPOC MINIJUST Imiryango itegamiye kuri Leta Amatsinda (club) agamije guteza imbere uburinganire | Umubare wa gahunda zita ku buringanire ziri ku rwego rw'amashuri | | | | | |
| ***1.1.2.2*** | Gutegura amahugurwa yerekeye guteza imbere indangagaciro z'umuco nziza zirebana n'uburinganire n'izirebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ayo mahugurwa akaba agenewe abanyeshuri, abarimu n'abandi bakozi bo mu burezi | Urwego rukuriye igikorwa : MINEDUC<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi : MIGEPROF MIJESPOC Itorerero ry'Igihugu Imiryango itegamiye kuri Leta | Umubare w' abanyeshuri, abarimu n'abandi bakozi bo mu burezi bahuguwe | | | | | |
| ***1.1.2.3*** | Gutegura agatabo k'inyigisho kagenewe abayobozi b'inzego z'ibanze kerekeye imyumvire myiza ku birebana n'uburinganire kakaba kagomba kwigishwa mu gihe cy'ibikorwa by'Umuganda n'igihe habaye andi mahuriro y'abaturage | Urwego rukuriye igikorwa : MINALOC<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi : MIGEPROF Uturere, Imirenge n'Imidugudu | Umubare w'inzego zo ku rwego rw'ibanze zahawe agatabo k'inyigisho kerekeye imyumvire myiza ku birebana n'uburinganire<br><br>Ijanisha ry'abayobozi b'imidugudu bakoresha ako gatabo k'inyigisho igihe hari ibikorwa by'Umuganda ndetse n'andi mahuriro y'abaturage | | | | | |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | | | |
| ***1.1.2.4*** | Gushishikariza abayobozi b'amadini n'amatorero guteza imbere indangagaciro nziza zerekeye uburinganire igihe bari kwigisha abayoboke babo | Urwego rukuriye igikorwa : MINALOC<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi :<br>MIGEPROF<br>Imiryango ishamikiye ku madini n'amatorero | Umubare w'abayobozi b'amadini n'amatorero batanga ubutumwa bukangurira abantu gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina igihe bari kubwiriza/kwigisha abayoboke babo. | | | | | |
| ***1.1.2.5*** | Gushyigikira igikorwa cyo kwinjiza imyumvire myiza yerekeye uburinganire mu mahame ngengamyitwarire agenga abanyamakuru | Urwego rukuriye igikorwa : MININFOR<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi :<br>MIGEPROF<br>MIJESPOC<br>Inama Nkuru y'Itangazamakuru<br>Amashyirahamwe y'abanyamakuru | Ijanisha ry'inkuru z'ibitangazamakuru zubahiriza amahame ngengamyitwarire agenga abanyamakuru mu gihe cyo gutarainkuru zerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'izerekeye uburinganire | | | | | |
| ***1.1.2.6*** | Guhugura abahagarariye ibitangazamakuru ku birebana no gutara inkuru zerekeye uburinganire n'izerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina | Urwego rukuriye igikorwa : MININFOR<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi :<br>MIGEPROF | Ijanisha ry'abanyamakuru bahuguwe ku birebana no gutara ku buryo bunoze inkuru zerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'izerekeye uburinganire | | | | | |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Inama Nkuru y'Itangazamakuru<br>Amashyirahamwe y'abanyamakuru | | | | | | |
| ***1.1.2.7*** | Gushyiraho no gushyigikira amatsinda y'impaka "zifasha abagabo n'abahungu guhindura imyumvire" kandi ayo matsinda agashyirwaho ku nzego zose | Urwego rukuriye igikorwa : MINALOC<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi :<br>MIJESPOC<br>MIGEPROF<br>Uturere<br>Imiryango itegamiye kuri Leta | Umubare w'inzego z'ibanze z'imitegekere y'igihugu zifite amatsinda y'impaka "zifasha abagabo n'abahungu guhindura imyumvire".<br><br>Umubare w'imidugudu yakoresheje buri mwaka ibiganiro nibura bitatu bigenewe abagabo n'abahungu byerekeye uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina | | | | | |
| ***1.1.2.8*** | Kwinjiza mu mihigo gahunda zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo bigakorwa ku nzego zose z'ubuyobozi bw'igihugu | Urwego rukuriye igikorwa : MINALOC<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi :<br>MIGEPROF<br>Provinces<br>Districts and Sectors | Umubare w'Uturere twinjiza mu Mihigo gahunda zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina | | | | | |
| ***1.1.2.9*** | Kongerera ubushobozi amashyirahamwe akorera mu baturage hagamijwe guteza imbere indangagaciro nziza z'umuco zishobora gufasha abaturage kugabanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina | Urwego rukuriye igikorwa : MINALOC<br><br>Abafatanyabikorwa b'ingenzi :<br>MIGEPROF<br>MIJESPOC | Ijanisha ry'imiryango ikorera mu baturage yashoboye kongera ubumenyi ku bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina (hifashishijwe kubanza gusuzuma ubumenyi iyo miryango ifite mbere yo guhugurwa nyuma hakazasuzumwa ubumenyi yungutse nyuma yo kongererwa ubushobozi) | | | | | |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
